**ITEKA RYA MINISITIRI N° 02/01 RYO KUWA 31/05/2011 RIGENA AMABWIRIZA N'IBIKURIKIZWA MU GUSHYIRA MU BIKORWA ITEGEKO RYEREKEYE ABINJIRA N'ABASOHOKA**

## ISHAKIRO


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: IBYICIRO N'INZEGO BYA VIZA N'IMPUSHYA ZO KUBA MU RWANDA**

**Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'impushya zo kuba mu Rwanda**

**Ingingo ya 3: Uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe**

**Ingingo ya 4: Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe**

**Ingingo ya 5: Uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe kidateganyijwe**

**Ingingo ya 6: Inzego z'uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**

**Ingingo ya 7: Ikarita y'umunyamahanga**
**Icyiciro cya 2: Ibyiciro bya viza**


**MINISTERIAL ORDER N° 02/01 OF 31/05/2011 ESTABLISHING REGULATIONS AND PROCEDURES IMPLEMENTING IMMIGRATION AND EMIGRATION LAW**

## TABLE OF CONTENTS


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions**

**CHAPTER II: CATEGORIES AND CLASSES OF RESIDENCE PERMITS AND VISAS**

**Section One: Categories of residence permits**

**Article 3: Temporary residence permit**

**Article 4: Classes of temporary residence permits**

**Article 5: Permanent residence permits**

**Article 6: Classes of permanent residence permits**

**Article 7: Foreigner's identity card**
**Section 2: Categories of Visas**


**ARRETE MINISTERIEL N° 02/01 DU 31/05/2011 PORTANT LES REGLEMENTATIONS ET PROCEDURES D'EXECUTION DE LA LOI SUR L'IMMIGRATION ET EMIGRATION**

## TABLE DES MATIERES


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définition des termes**

**CHAPITRE II: CATEGORIES ET CLASSES DE PERMIS DE RESIDENCE ET DE VISAS**

**Section premiere: Catégories de permis de séjour**

**Article 3: Permis de séjour temporaire**

**Article 4: Classification des permis de séjour temporaire**

**Article 5: Permis de séjour permanente**

**Article 6: Classification des permis de séjour permanents**

**Article 7: Carte d'identité pour étranger**
**Section 2: Catégories de visas**

Ingingo ya 8: Viza yo kwinjira

Ingingo ya 9: Viza yo gutambuka

Ingingo ya 10: Gusonerwa Viza yo gutambuka

Ingingo ya 11: Viza y'Ubukerarugendo

Ingingo ya 12: Uburyo bw'itangwa rya Viza n'ibindi bijyanye na byo

Ingingo ya 13: Amasezerano yo gusonerana ikiguzi kuri visa/impushya zo kuba mu Rwanda

Ingingo ya 14: Gukora k'ugize umuryango w'umudipolomate

Icyiciro cya 3: Kwamburwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba Rwanda

Ingingo ya 15: Kwamburwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda

Ingingo ya 16: Kwamburwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe

UMUTWE WA III: AMABWIRIZA Y'ITANGWA RY'INYANDIKO NYARWANDA Z'INZIRA

Icyiciro cya mbere: Inyandiko z'inzira n'amabwiriza yazo yihariye

Ingingo ya 17: Pasiporo isanzwe

Article 8: Entry Visa

Article 9: Transit visa

Article 10: Exemption for a transit visa

Article 11: Tourist visa

Article 12: Visa issuance procedures and other related matters

Article 13: Residence permits/Visa fee waiver regime

Article 14: Working of a family member of a diplomat

Section 3: Cancellation of visa or residence permit

Article 15: Cancellation of a visa or residence permit

Article 16: Cancellation of a permanent residence permit

CHAPTER III: RWANDAN TRAVEL DOCUMENTS ISSUANCE REGULATIONS

Section One: Travel documents and respective regulations

Article 17: Ordinary Passport

Article 8: Visa d'entrée

Article 9: Visa de transit

Article 10: Exemption de visa de transit

Article 11 : Visa touristique

Article 12: Procédures d'octroi des Visas et autres aspects y relatifs

Article 13 : Accord d'exemption de frais de visa ou de permis de séjour

Article 14 : Droit de travail pour un membre de la famille d'un diplomate

Section 3: Annulation de visa ou de permis de séjour

Article 15: Annulation de visa ou de permis de séjour

Article 16 : Annulation de permis de séjour permanent

CHAPITRE III : REGLEMENTATION D'EMISSION DE DOCUMENTS RWANDAIS DE VOYAGE

Section première: Documents de voyage et leur reglementation respective

Article 17: Passeport ordinaire

Ingingo ya 18: Pasiporo y’abanyacyubahiro

Ingingo ya 19: Pasiporo y’akazi

Ingingo ya 20: Laissez-Passer

Ingingo ya 21: Laissez-Passer rusange

Ingingo ya 22: Urwandiko rw’inzira rw’ingoboka

Ingingo ya 23: Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs

Ingingo ya 24: Urwandiko rw’inzira rw’impunzi

Ingingo ya 25: Urwandiko rw’inzira rw’abaturiye imbibi

Icyiciro cya 2: Amabwiriza rusange y’inyandiko z’inzira

Ingingo ya 26: Igihe dosiye isaba urwandiko rw’inzira imara

Ingingo ya 27: Gutunga pasiporo irenze imwe

UMUTWE WA IV: INSHINGANO

Ingingo ya 28: Inshingano za ofisiye wa imigarasiyo

Article 18: Diplomatic Passport

Article 19: Service passport

Article 20: Laissez -passer

Article 21: Collective laissez-passer

Article 22: Emergency travel document

Article 23: Autorisation Spéciale de Circulation /Communauté Economique des Pays des Grands Lacs

Article 24: Refugee travel document

Article 25: Border pass

Section 2: General regulations of travel documents

Article 26: Validity of travel document application file

Article 27: Holding more than one passport

CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES AND OBLIGATIONS

Article 28: Responsibilities of an immigration officer

Article 18: Passeport diplomatique

Article 19: Passeport de Service

Article 20: Laissez-passer

Article 21: Laissez-passer collectif

Article 22: Document de voyage d’urgence

Article 23: Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs

Article 24: Titre de voyage pour réfugié

Article 25: Document pour transfrontaliers

Section 2 : Réglementations générales de documents de voyage

Article 26 : Validité d’un dossier de demande de document de voyage

Article 27 : Possession de plus d'un passeport

CHAPITRE IV: ATTRIBUTIONS ET OBLIGATIONS

Article 28: Attributions d’un officier d’immigration

Ingingo ya 29: Inshingano z'umukoresha ku mukozi w'umunyamahanga

UMUTWE WA V: KWINJIRA NO GUSOHOKA

Ingingo ya 30: Ibisabwa rusange mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda

Ingingo ya 31: Kwinjira no gusohoka k'umwana

Ingingo ya 32: Kwinjizwa no gusohorwa by'umurambo

Ingingo ya 33: Amasaha y'akazi ku mipaka

UMUTWE WA VI: IBIHANO BITANGWA N'UBUYOBOZI

Icyiciro cya mbere: Ibihano bitangwa n'Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 34: Igihano gihabwa abatinda gusaba cyangwa kongeresha viza/uruhushya rwo kuba mu Rwanda

Ingingo ya 35: Igihano bihabwa ikompanyi itwara abantu mu kirere

Icyiciro cya 2: Ibindi bihano rusange

Ingingo ya 36: Ibihano bihabwa abakoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu

Ingingo ya 37: Ibihano bitangwa ku makosa

Article 29: Obligations of an employer towards a Foreign Employee

CHAPTER V: ENTRY AND EXIT

Article 30: General Conditions of entry into and exit from Rwanda

Article 31: Entry and Exit of a child

Article 32: Entry and Exit of a dead person

Article 33: Working hours at the border post

CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Section One: Administrative sanctions by the Directorate General

Article 34: Penality for the delay of Visa/Residence permit application or renewal

Article 35: Penality on air transport company

Section 2: Other general sanctions

Article 36: Administrative penalities for other means of transport

Article 37: Penalities relating to faults on

Article 29 : Obligations d'un employeur à l'égard d'un travailleur étranger

CHAPITRE V: ENTREE ET SORTIE

Article 30 : Conditions générales d'entrée et de sortie du Rwanda

Article 31: Entrée et sortie d'un enfant

Article 32: Entrée et Sortie d'une dépouille mortelle

Article 33: Heures de service au poste frontalier

CHAPITRE VI: SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Section premiere: Sanctions administratives imposées par la Direction Générale

Article 34: Pénalité pour le retard de demande ou de renouvellement de visa/permis de séjour

Article 35: Pénalité contre une compagnie de transport aérien

Section 2 : Autres sanctions générales

Article 36: Pénalités administratives pour d'autres moyens de transport

Article 37: Pénalités pour les fautes de

ajyanye n'inyandiko z'inzira

UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE

Ingingo ya 38: Uburyo umunyamahanga yirukanwa

Ingingo ya 39: Kumenyesha umunyamahanga ko atifuzwa cyangwa ko atemewe mu gihugu

Ingingo ya 40: Akanama gakurikirana imipaka

Ingingo ya 41: Gukurikiza iri teka

Ingingo ya 42: Kumenyekanisha ko icyangombwa cyatakaye

Ingingo ya 43: Amabwiriza ashyira mu bikorwa iri teka

UMUTWE WA VIII : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 44: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 45: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

mishandling travel documents

CHAPTER VII: MISCELLENEOUS PROVISIONS

Article 38: Procedure for deporting a foreigner

Article 39: Declaring undesirable person or prohibited immigrant

Article 40: National border coordinating committee

Article 41: Observing this Order

Article 42: Reporting a lost document

Article 43: Implementation of this Order

CHAPTER VIII : FINAL PROVISIONS

Article 44: Repealing provision

Article 45: Commencement

mauvaise tenue de documents de voyage

CHAPTER VII: DISPOSITIONS DIVERSES

Article 38: Procédure d'expulsion d'un étranger

Article 39 : Informer un étranger qu'il est une personne indésirable ou interdit

Article 40 : Comité de pilotage des frontières

Article 41: Respect du présent arrêté

Article 42: Déclaration d'un document perdu

Article 43: Mise en application des dispositions du présent arrêté

CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS FINALES

Article 44: Disposition abrogatoire

Article 45: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 02/01 RYO KUWA 31/05/2011 RIGENA AMABWIRIZA N'IBIKURIKIZWA MU GUSHYIRA MU BIKORWA ITEGEKO RYEREKEYE ABINJIRA N'ABASOHOKA**

**Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 23, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 04/2011 ryo kuwa 21/03/2011 ryerekeye Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda;

Ashingiye ku Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda;

Ashingiye ku Itegeko n° 26/2005 ryo kuwa 17/12/2005 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 20/04/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**MINISTERIAL ORDER N° 02/01 OF 31/05/2011 ESTABLISHING REGULATIONS AND PROCEDURES IMPLEMENTING IMMIGRATION AND EMIGRATION LAW**

**The Minister in the Office of the President;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 23, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 04/2011 of 21/03/2011 on Immigration and Emigration in Rwanda;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda;

Pursuant to Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to investment and export promotion and facilitation;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 20/04/2011;

**ARRETE MINISTERIEL N° 02/01 DU 31/05/2011 PORTANT LES REGLEMENTATIONS ET PROCEDURES D'EXECUTION DE LA LOI SUR L'IMMIGRATION ET EMIGRATION**

**Le Ministre à la Présidence de la République;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 23, 121 et 201;

Vu la Loi n° 04/2011 du 21/03/2011 sur l'Immigration et Emigration au Rwanda;

Vu la Loi n° 13/2009 portant règlementation du travail au Rwanda;

Vu la Loi n° 26/2005 de la 17/12/2005 portant promotion et facilitation de l'investissement et de l'exportation ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 20/04/2011 ;

**ATEGETSE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena amabwiriza n'ibikurikizwa mu gushyira mu bikorwa itegeko ryerekeye Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **imbibi:** inkiko za Repubulika y'u Rwanda;

2° **umupaka:** ahantu hagenwe n'amategeko, umuntu anyura yinjira cyangwa asohoka mu mu Gihugu ;

3° **Minisitiri:** Minisitiri ufite Abinjira n'Abasohoka mu nshingano ze;

4° **Ubuyobozi Bukuru:** Ikigo gifite Abinjira n'Abasohoka mu gihugu mu nshingano zacyo;

5° **Umuyobozi Mukuru:** ukuriye Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu

6° **ofisiye wa imigarasiyo**: umukozi w'Umwuga w'Ubuyobozi Bukuru;

**HEREBY ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order shall determine the regulations and procedures implementing Immigration and Emigration Law.

**Article 2: Definitions**

In this Order, the following terms shall have the following meanings:

1° **border:** national boundaries of the Republic of Rwanda;

2° **border post:** a Place prescribed by Law where a person passes when entering or leaving the country;

3° **Minister:** Minister in charge of Immigration and Emigration

4° **Directorate General:** institution directly responsible for Immigration and Emigration;

5° **Director General:** Head of Directorate General of Immigration and Emigration;

6° **immigration officer:** a Professional employee of the Directorate General;

**ARRETE :**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté régit les réglementations et procédures en rapport avec la loi sur l'Immigration et l'Emigration au Rwanda.

**Article 2: Définition des termes**

Aux termes du présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **frontière**: limites nationales du territoire de la République du Rwanda;

2° **poste-frontière**: endroit désigné par la loi où une personne doit se présenter à l'entrée ou à la sortie du pays;

3° **Ministre:** Ministre ayant l'Immigration et Emigration dans ses attributions ;

4° **Direction Générale:** Institution ayant directement l'immigration et émigration dans ses attributions;

5° **Directeur Général :** Chef de l'Institution chargée de l'immigration et émigration;

6° **officier d'immigration**: agent professionnel de la Direction Générale ;

7° **umukoresha :** umuntu ku giti cye, ugengwa n'amasezerano y'akazi nk'umukoresha, cyangwa umuyobozi mukuru w'ikigo gifite ubuzimagatozi ugihagarariye imbere y'amategeko cyangwa uweguriwe ububasha ku birebana n'abakozi ;

8° **umushoramari** : umushoramari w'umunyamahanga nk'uko biteganyijwe mu mategeko agenga ishoramari mu Rwanda;

9° **uwikorera:** ufite ikigo cy'ubucuruzi ariko utabarwa nk' umushoramari

10° **ubushyingiranwe:** ukubana byemewe n'amategeko hagati y'umugore n'umugabo hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda cyangwa ayo mu mahanga mu gihe atanyuranyije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyangwa imigenzereze myiza y'u Rwanda;

11° **umuryango**: umugabo n'umugore bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko, abana babo batarageza ku myaka 18 cyangwa bari hagati y'imyaka 18 na 25 y'amavuko mu gihe bakiga kandi batarashyingirwa;

12° **ugize umuryango wa hafi**: umuntu wo mu muryango ubarirwa ku rwego rwa kabiri nk'uko biteganywa n'amategeko mbonezamubano y'u Rwanda ;

7° **employer: a**n individual bound by an employment contract as an employer, or Head of an institution with legal personality or its legal representative or the person to whom powers in relation to employees have been delegated;

8° **investor**: a foreign investor as provided by the Rwanda Investment code;

9° **entrepreneur:** Owner of an enterprise who is not categorised as an investor

10° **marriage:** Legally recognized union of a man and a woman celebrated in accordance with Rwandan or foreign Laws which are consistent with Constitution of the Republic of Rwanda or with Rwandan good morals;

11° **family:** a man and a woman who are legally married, including their children who are under 18 years old or aged between 18 and 25 years if they are still pursuing fulltime education and are unmarried;

12° **close relative:** a family member who falls in the second degree of kinship as provided by the Rwandan civil code;

7° **employeur:** personne physique liée par un contrat de travail en tant qu'employeur, un responsable d'une institution dotée de la personnalitéjuridique, son représentant légal ou la personne qui a reçu la délégation de pouvoirs en matière du personnel;

8° **investisseur :** un investisseur étranger tel que défini par les lois régissant l'investissement au Rwanda;

9° **entrepreneur:** personne ayant une entreprise mais n'étant pas qualifiée d'investisseur.

10° **mariage:** union conjugal légalement reconnu par la loi entre un homme et une femme, célébré selon la loi rwandaise ou en vertu des lois d'un pays étranger compatibles avec la Constitution de la Republique du Rwanda ou avec les bonnes mœurs rwandaises ;

11° **famille**: un homme et une femme légalement mariés, y compris leurs enfants de moins de 18 ans ou entre 18 et 25 ans encore en situation de scolarité à temps plein et non encore mariés;

12° **proche parent**: personne placée au second degré de parenté tel que prévu par le Code Civil rwandais;

13° **undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango:** ufitanye isano, utunzwe n'umwe cyangwa bombi mu bashyingiranywe mu gihe byemejwe n'Umuyobozi Mukuru;

14° **utunzwe:** ugize umuryango, ugize umuryango wa hafi n'undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango nk'uko biteganywa n'iri teka;

15° **umunyamahanga:** umuntu wese udafite ubwenegihugu nyarwanda;

16° **umunyamahanga utuye:** umunyamahanga ufite uruhushya rwo kuba mu gihugu rw'igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe ;

17° **umunyamahanga utemewe mu Gihugu:** umunyamahanga utemewe kuza cyangwa kuba mu Rwanda;

18° **utifuzwa mu Rwanda**: Umunyamahanga utemewe kuguma mu Rwanda cyangwa utacyujuje ibisabwa kugira ngo ahabe;

19° **impunzi**: umuntu wahunze igihugu cye nk'uko bisobanurwa n'amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi yo ku wa 28 Nyakanga 1951 n'amasezerano y'inyongera yayo;

20° **pasiporo:** urwandiko rw'inzira rwemewe n'amategeko mpuzamahanga;

21° **laissez-passer:** Urwandiko rw'inzira rusimbura pasiporo ruhabwa umunyarwanda

13° **any other person who may be considered as a family member:** a relative or a dependent of either or both spouses as may be approved by the Director General;

14° **dependant:** family member, close relative or any other person who may be considered as a family member as provided by this Order;

15° **foreigner:** any person who does not hold Rwandan Nationality;

16° **foreigner resident**: a foreigner holding a temporary or permanent residence permit;

17° **prohibited immigrant:** foreigner who is not allowed to enter or stay in the Republic of Rwanda;

18° **undesirable person:** a foreigner who is not allowed to remain in Rwanda or no longer fulfils the conditions to remain there;

19° r**efugee:** any person who fled his/her country as defined by the international convention of 28 July 1951 relating to the status of refugees and its additional protocols;

20°**passport:** travel document recognized by international laws;

21°**laissez-passer:** travel document issued in lieu of a Passport to a Rwandan wishing to travel to

13° **toute autre personne pouvant** ê**tre consid**é**r**é**e comme membre de la famille:** une personne ayant des liens de parenté avec l'un des époux, dépendant d'un ou des deux conjoints selon l'appréciation du Directeur Général.

14°**personne à charge :** Membre de famille, parent proche et toute autre personne pouvant être considérée comme membre de la famille comme prévue par le présent arrêté ;

15°**étranger**: toute personne qui n'est pas de nationalité rwandaise;

16°**résident étranger :** un étranger qui détient un permis de séjour à titre temporaire ou permanent;

17° **immigrant interdit**: étranger qui n'est pas autorisé à entrer ou séjourner sur le territoire de la République du Rwanda;

**18⁰ persone indésirable :** Un étranger qui n'est plus autorisé à rester au Rwanda ou ne remplit plus les conditions d'y rester.

19° **réfugié**: personne ayant fui son pays au sens de la Convention Internationale du 28 juillet 1951 sur des réfugiés et ses Protocoles additionnels;

20°**passeport**: un document de voyage légalement reconnu par les lois internationales;

21°**laissez-passer**: Document de voyage tenant lieu de passeport délivré à tout Rwandais qui veut se

ujya mu bihugu byo mu karere u Rwanda rurimo hakurikijwe amasezerano ibyo bihugu byagiranye;

22° **ASC/CEPGL: Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs :** urwandiko rw'inzira ruhabwa umunyarwanda cyangwa umunyamahanga utuye mu Rwanda byemewe n'amategeko, rukamwemerera kujya mu bihugu bigize Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Ibiyaga Bigari hakurikijwe amasezerano ibyo bihugu byagiranye;

23° **urwandiko rw'inzira rw'impunzi:** Urwandiko rw'inzira ruhabwa umunyamahanga wahawe ubuhungiro mu Rwanda ;

24° **viza:** Uruhushya ruhabwa umunyamahanga urusabye, rukamuhesha uburenganzira bwo kuza mu Rwanda;

25° **ikarita y'umunyamahanga:** ikarita iranga umunyamahanga uba mu Rwanda **;**

26° **uruhushya rwo kuba mu Rwanda:** uruhushya ruhabwa umunyamahanga urusabye rukamuhesha uburenganzira bwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe, ku mpamvu zitari izo gusura;

27° **uruhushya rwihariye:** ni viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda nk'uko biteganyijwe muri iri teka;

28° **guhagarika by'agateganyo :** guhagarika

any of the countries in the sub region and in accordance with existing agreements among the countries;

**22° ASC/CEPGL: Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs:** travel document issued to a Rwandan, or a foreigner legally residing in Rwanda, allowing him/her to travel to member states of the economic community of the Great lakes countries and in accordance with the existing agreements signed among such countries;

**23° refugee travel document:** travel document that is issued to a foreigner who has been granted refugee status in Rwanda;

**24°** v**isa**: permission issued to a foreigner granting him/her authorization to enter in Rwanda;

**25°foreigner's identity card:** identity card issued to a foreigner who resides in Rwanda;

**26° residence permit:** permission allowing a foreigner to reside temporarily or permanently in Rwanda and for the purposes other than visit;

**27° pass:** visa or residence permit as provided for in this Order;

**28°provisional interception:** holding a person for

rendre dans les pays de la sous-région conformément aux accords en vigueur entre ces pays ;

**22° ASC/CEPGL: Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs:** document de voyage délivré à un Rwandais ou un étranger résidant légalement au Rwanda lui permettant de se rendre dans les pays membres de la Communauté Economique des Pays des Grands-Lacs et conformément aux protocoles en vigueur entre lesdits pays;

**23° titre de voyage pour réfugié**: Document de voyage accordé à un étranger auquel le statut de réfugié a été accordé au Rwanda ;

**24°visa**: Permission donnée à un étranger sur demande et lui accordant l'autorisation d'entrer sur le territoire du Rwanda;

**25°carte d'identité pour étranger**: une carte délivrée à un étranger vivant au Rwanda ;

**26° permis de séjour**: permission accordée sur demande à un étranger lui permettant de résider sur le territoire de la République du Rwanda de façon temporaire ou permanente pour des raisons autres que celles de visite;

**27° permis exceptionnel:** visa ou permis de séjour comme prévue dans le présent arrêté,

**28° arrêt provisoire:** le fait d'arrêter une

umuntu mu gihe gito kugira ngo ofisiye wa imigarasiyo akore igenzura ku bijyanye no kwinjira cyangwa kuba mu gihugu ;

29° **kwirukana umunyamahanga:** igikorwa kigamije gutuma umunyamahanga utemewe cyangwa utifuzwa mu gihugu ava mu Rwanda atari ku bushake bwe.

**UMUTWE WA II: IBYICIRO N'INZEGO BYA VIZA N'IMPUSHYA ZO KUBA MU RWANDA**

**Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'impushya zo kuba mu Rwanda**

**Ingingo ya 3: Uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe rwemerera umunyamahanga kuba mu Rwanda mu gihe kigenwe. Ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe ashobora kuhakora, kuhatangirira ibikorwa by'ubucuruzi, gushora imari mu bikorwa bishya cyangwa bisanzweho, kubana n'abagize umuryango we cyangwa ikindi gikorwa yaherewe uburenganzira n'uruhushya afite.

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe rutangirwa igihe cy'imyaka ibiri (2) gishobora kongerwa uwo bireba abanje kubisaba, cyeretse aho biteganyijwe ukundi.

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu gika kibanziriza iki, nta ruhushya rugomba kumara igihe kiri

a short period of time to enable an Immigration officer to investigate that person's entry into or residence in the country;

29° **deportation:** action aimed at causing a prohibited or undesirable foreigner to leave the Republic of Rwanda against his/her will.

**CHAPTER II: CATEGORIES AND CLASSES OF RESIDENCE PERMITS AND VISAS**

**Section One: Categories of residence permits**

**Article 3: Temporary residence permit**

A temporary residence permit shall enable a foreigner to reside in Rwanda within a specified period. Whilst in Rwanda, a holder of temporary residence permit may work, establish businesses invest in new or existing businesses, unite with family members or any other activity authorized by his/her permit.

Unless otherwise stated, a temporary residence permit shall be issued for a period of two (2) years renewable upon application.

Without prejucide to the provisions of the above paragraph, no permit shall exceed the validity of

personne pendant un temps très limité afin de permettre à l'officier d'Immigration d'enquêter sur l'entrée et le séjour de cette personne au pays;

29° **expulsion:** le fait d'ordonner à un étranger interdit ou indésirable de quitter le Rwanda contre son gré.

**CHAPITRE II: CATEGORIES ET CLASSES DE PERMIS DE RESIDENCE ET DE VISAS**

**Section première: Catégories de permis de séjour**

**Article 3: Permis de séjour temporaire**

Le permis de résidence temporaire permet un étranger d'entrer et résider au Rwanda pour une période déterminée. Une fois au Rwanda un détenteur d'un permis de résidence temporaire peut travailler, entreprendre des activités commerciales, investir dans de nouvelles ou existantes activités commerciales ou vivre avec sa famille ou exercer toute autre activité autorisée par son permis.

Le permis de séjour temporaire est émis pour une période initiale allant jusqu'à deux (2) ans renouvelable sur demande, sauf dispositions particulières.

Sans préjudice des dispositions du précédent alinéa, la durée d'un permis de séjour ne peut

hejuru y'igihe cy'amasezerano y'umurimo y'umukozi.

Gutangwa cyangwa kongeresha igihe cy'uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe bikorerwa ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru.

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rutanga uburenganzira bwo kwinjira no gusohoka inshuro nyinshi.

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ruhabwa umuntu wikorera rugizwe n'ibice by'urwego bibiri kereka iyo biteganyijwe ukundi:

**1º Igice cy'urwego rwa 1**: Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ubarwa nk'umushoramari. Umuntu uri muri iki gice cy'urwego ahabwa uruhushya rumara imyaka itatu (3) rwongerwa iyo abisabye.

**2º Igice cy'urwego rwa 2**: Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga wikorera. Uri muri iki gice cy'urwego ahabwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda rumara imyaka (2) ibiri ishobora kwongerwa abisabye.

Iyo umuntu uvugwa mu gice cy'urwego rwa kabiri 2 kimaze kuvugwa haruguru ashoye imari mu bikorwa by'amajyambere y'icyaro cyangwa mu kohereza ibintu mu mahanga ahabwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda rumara imyaka itatu (3) yongerwa iyo bisabwe.

the employees' contract.

Issuance or extension of a temporary residence permit shall be done at the Directorate General or any other place as may be determined by the Director General.

A temporary residence permit shall have multiple entries.

Unless otherwise stated, a temporary residence permit issued to a self employed person, shall be classified into two sub-classes:

**1º Sub-Class 1**: This permit shall be issued to a foreigner considered as an investor. A person who is in this sub-class shall be entitled to three (3) years residence permit renewable upon application.

**2º Sub-Class 2**: This permit shall be issued to an entrepreneur. A person in this sub-class shall be entitled to two (2) years residence permit renewable upon application.

If a person mentioned under sub-class 2 above invests in rural development or export he/she shall be entitled to three (3) years residence permit renewable upon application.

excéder la durée de validité du contrat de l'employé.

L'émission ou la prorogation du permis de séjour temporaire est effectuée au siège de la Direction Générale ou à tout autre endroit désigné par le Directeur Général.

Le permis de séjour temporaire est à entrées multiples.

Le permis de séjour temporaire à délivrer à un travailleur indépendant comporte deux sous-classes sauf dispositions contraire :

**1º Sous-Classe 1**: Ce permis est délivré à un étranger considéré comme investisseur. La personne dans cette sous-classe a droit à un permis de séjour d'une durée de trois ans (3) renouvelable à la demande.

**2º Sous-classe 2** : Ce permis est délivré à un entrepreneur. La personne classée dans cette sous-classe a droit à un permis de séjour de deux (2) ans renouvelable à la demande.

Lorsqu'une personne mentionée dans le sous-classe 2 investit dans le dévelopement rural ou dans l'exportation, elle obtient un permis de séjour de trois ans (3) renouvelable à la demande.

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe ruhabwa umuntu utabarwa mu bikorera rushobora gushyirwamo ibice by'urwego bitandukanye hakurikijwe icyo uwo muntu agamije gukora.
Umunyamahanga ufite amasezerano y'akazi k'igihe kirengeje iminsi mirongo cyenda (90) asaba uruhushya rw'akazi mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ku munsi yinjiriye mu Rwanda.

Mu gihe umunyamahanga agize bene ayo masezerano y'akazi ari mu Rwanda, asaba uruhushya rw'akazi mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ku munsi yakoreyeho ayo masezerano.

Umunyamahanga ushaka kuba mu Rwanda yikorera, yarandikishije ibikorwa bye mbere yo kwiyemeza kuba mu Rwanda, asaba uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe giteganyijwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ku munsi yinjiriye mu Rwanda.

Iyo uwo munyamahanga yandikishije ibikorwa bye ari mu Rwanda akaniyemeza kuhatura asaba uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe kitarenga iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ku munsi w'iyandikwa ry'ibikorwa bye.

Bitabangamiye andi mategeko n'amabwiriza, iyo usaba amaze gutanga ibisabwa byose mu Buyobozi Bukuru, ahabwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda rw'igihe giteganyijwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kuva ku munsi yarusabiyeho.

A temporary residence permit issued to a person other than a self employed, person may be classified into sub-classes corresponding to the nature of the activity he/she intends to engage in.

A foreigner who has a contract of employment of a period of more than ninety days (90) shall apply for a work permit within fifteen (15) working days from the day of entry in Rwanda.

If a foreigner concludes such a contract of employment while in Rwanda, he/she shall apply for the work permit within fifteen (15) working days from the date of concluding such a contract.

A foreigner who wants to reside in Rwanda as a self employed person and has registered his/her lawful activity before entry shall apply for a temporary residence permit within fifteen (15) working days from the date of entry.

If such person registers his/her lawful activity after entry and decides to remain in Rwanda, the application shall be made within fifiteen (15) days from the date of registration of his/her activity.

Without prejudice to other relevant laws and regulations, the applicant shall be issued with a temporary residence permit within fifteen (15) days of application, upon submitting the necessary requirements to the Directorate General.

Un permis de séjour temporaire délivré à un travailleur indépendant peut être divisé en plusieurs sous-classes selon la nature des activités dans lesquelles il compte s'engager.

Un étranger qui a un contrat de travail d'une durée de plus de quatre-vingts –dix (90) jours doit demander un permis de travail endéans quinze (15) jours ouvrables à partir du jour de son entrée au Rwanda.

Si tel étranger signe un tel contrat de travail lors de son séjour au Rwanda, il doit demander un permis de travail endéans quinze (15) jours à partir du jour de la signature du contrat.

Un étranger qui désire résider au Rwanda en tant que travailleur indépendant et ayant fait enregistrer son activité avant son entrée doit demander un permis de séjour temporaire endéans quinze (15) jours ouvrables à partir de la date d'entrée.

Lorsqu'un étranger fait enregistrer ses activités après son entrée au Rwanda et décide d'y rester, il doit demander son permis de séjour dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de la date d'enregistrement de ses activités.

Sans préjudice des dispositions d'autres lois et reglements, le permis de séjour est octroyé à son requérant endéans quinze (15) jours dès l'introduction de sa demande auprès de la Direction Générale.

**Ingingo ya 4: Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rugizwe n'inzego zikurikira:

**1º Urwego A: Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ibijyanye na byo**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu ushaka gukora, ku giti cye, ibikorwa byo kurambagiza ibyo ubutaka buhishe, kubicukura cyangwa ibikorwa bifitanye isano na byo mu Rwanda. Uru rwego rufite íbice by'inzego bibiri:

A1: Umushoramari

A2: Uwikorera

**2º Urwego B: Ubuhinzi, ubworozi n'ibindi bikorwa bifitanye isano na byo**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu ushaka gukora ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi n'ibindi bikorwa bifitanye isano na byo. Uru ruhushya rugabanyijemo ibice by'inzego bibiri:

B1: Umushoramari

B2: Uwikorera

**3º Urwego C : Umuntu ukora umwuga uzwi**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ukora umwuga cyangwa afite ubumenyi bizwi kandi ufite ubushobozi busabwa harimo n'abakinnyi

**Article 4: Classes of temporary residence permits**

A temporary residence permit shall be classified as follows:

**1º Class A: Prospecting and mining**

This permit shall be issued to a person intending to engage on his/her account in prospecting for minerals, mining or other related activities in Rwanda. This class shall have two sub-classes:

A1: Investor

A2: Entrepreneur

**2º Class B: Agriculture, Animal husbandry and related activities**

This permit shall be issued to a person intending to engage in agricultural production, animal husbandry or other related activities. This permit shall be divided into two sub-classes:

B1: Investor

B2: Entrepreneur

**3º Class C: Prescribed Professionals**

This permit shall be issued to a foreigner with prescribed profession or in possession of prescribed qualification and skills including

**Article 4: Classification des permis de séjour temporaire**

Le permis de séjour temporaire comporte les classes suivantes:

**1º Classe A: Prospection de mine et extraction de minerais**

Ce permis est délivré à une personne ayant l'intention de s'engager dans la prospection des mines, dans l'extraction de minerais ou toute autre activité connexe au Rwanda. Cette classe est divisée en deux sous-classes:

A1: Investisseur

A2: Entrepreneur

**2º Classe B: Agriculture, élevage et activités connexes**

Ce permis est délivré à une personne ayant l'intention de s'engager dans l'agriculture, l'élevage ou autres activités connexes. Cette classe est divisée en deux sous-classes:

B1: Investisseur

B2: Entrepreneur

**3º Classe C : Professionnel reconnu**

Ce permis est délivré à un étranger ayant une profession reconnue ou possedant les qualifications requises ainsi qu'aux joueurs et artistes

n'abanyabugeni babigize umwuga. Uru ruhushya rugabanyijemo íbice by'inzego bibiri (2):

**C1**: Uru ruhushya ruhabwa umuntu ukora umwuga uzwi.

**C2**: Uru ruhushya ruhabwa umukinnyi cyangwa umunyabugeni wabigize umwuga.

**4º Urwego D: Abadipolomate**

Uru ruhushya ruhabwa abanyamahanga bahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n'abakozi b'imiryango mpuzamahanga bafatwa nk'abadipolomate. Uru ruhushya rugabanyijemo íbice by'urwego bibiri (2):

**D1:** Uru ruhushya ruhabwa umuntu woherejwe mu Rwanda nk'umudipolomate uhagarariye igihugu cye.

**D2:** Uru ruhushya ruhabwa umukozi w'umunyamahanga ukora mu muryango mpuzamahanga ufatwa nk'umudipolomate.

**5º Urwego E: Umukozi wa Leta cyangwa uw'ikigo gishamikiye kuri Leta n'utera inkunga ya tekiniki**

Uru ruhushya ruhabwa umukozi ufitanye amasezerano y'akazi na Leta y'u Rwanda harimo n'abantu bakora mu rwego rw'amashuli makuru cyangwa mu bigo bya Leta n'ibishamikiye kuri Leta n'umuntu uje gutera inkunga ya tekiniki u Rwanda hashingiwe ku masezerano hagati y'u Rwanda n'ikindi gihugu cyangwa hagati y'u Rwanda n'umuryango mpuzamahanga.

professional players and artists. This permit shall be divided into the following two (2) sub-classes:

**C1:** This permit shall be issued to a person with prescribed profession.

**C2:** This permit shall be issued to a professional player or artist.

**4º Class D: Diplomats**

This permit shall be issued to diplomats representing their countries in Rwanda and the staff of international organizations with diplomatic status. This permit shall be divided into two (2) sub-classes:

**D1:** This permit shall be issued to a person accredited to Rwanda as a diplomat to represent his/her country.

**D2:** This permit shall be issued to a foreigner who is working in an international organization and has a diplomatic status.

**5º Class E: Government or Parastatal employee and technical assistants.**

This permit shall be issued to a person employed on a Rwandan Government contract including those serving in tertiary institutions of learning, parastatal or providing technical assistance under bilateral agreement between Rwanda and another country or an international organization.

professionnels. Ce permis est divisé en deux (2) sous-classes:

**C1** : Ce permis est délivré à un étranger ayant une profession reconnue.

**C2** : Ce permis est délivré à un joueur ou artiste professionnel.

**4º Classe D: Diplomates**

Ce permis est délivré aux étrangers diplomates représentant leurs pays au Rwanda et aux employés des organisations internationales avec rang de diplomate. Ce permis est divisé en deux sous-classes :

**D1 :** Ce permis est délivré à une personne accréditée au Rwanda pour représenter son pays en qualité de diplomate.

**D2** : Ce permis est délivré à un étranger qui travaille dans une Organisation Internationale avec rang de diplomate.

**5º Classe E: Agent de l'Etat ou d'une institution para-étatique et assistant technique**

Ce permis est délivré à une personne employée sous contrat de l'Etat Rwandais, aux personnes oeuvrant au sein des institutions du secteur tertiaire, para-étatique et à l'assistant technique travaillant sous un accord bilatéral entre le Rwanda et un autre pays ou entre le Rwanda et une organisation internationale.

Abafite uru ruhushya bashobora gusonerwa gutanga amafaranga yakwa mu guhabwa uruhushya hakurikijwe amasezerano ariho. Uru ruhushya rugabanyijemo ibice by'urwego bibiri (2):

**E1**: Uru ruhushya ruhabwa umukozi ufitanye amasezerano y'akazi na Leta harimo n'abantu bakora mu bigo by'amashuri makuru cyangwa mu bigo bya Leta n'ibishamikiye kuri Leta;

**E2**: Uru ruhushya ruhabwa umuntu uje gutera inkunga ya tekiniki u Rwanda hashingiwe ku masezerano hagati y'u Rwanda n'ikindi gihugu cyangwa hagati y'u Rwanda n'umuryango mpuzamahanga.

**6º Urwego F: Ibikorwa byihariye byo gukora no gutunganya ibicuruzwa**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu ushaka gukora imirimo yihariye yo mu nganda cyangwa ibyo gutunganya ibicuruzwa, ku giti cye cyangwa afatanyije n'abandi. Uru ruhushya rugabanyijemo ibice by'urwego bibiri (2):
F1: Umushoramari
F2: Uwikorera

**7º Urwego G: Ubucuruzi na Serivisi**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu ushaka gukora ubucuruzi na serivisi byihariye, ku giti cye cyangwa afatanyije n'abandi. Uru ruhushya rugabanyijemo ibice bibiri (2):

Holders of this permit may be exempted from permit fees in accordance with the existing agreements. This permit shall be divided into two (2) sub-classes:

**E1**: This permit shall be issued to a person employed on government contracts including a person serving in tertiary institutions or parastatals;

**E2**: This permit shall be issued to a person providing technical assistance to Rwanda under a bilateral agreement with another country or with an International Organization.

**6º Class F: Specific Manufacturing and processing**

This permit shall be issued to a person intending to engage in manufacturing, processing on his/her own account or partnership. This class of permit shall have two sub-classes:

F1: Investor
F2: Entrepreneur

**7º Class G: Specific Trade, Business and Services**

This permit shall be issued to a person intending to engage on his/her own account or in partnership in business of a specific trade of goods or services. This permit shall be divided into two (2) sub-class:

Les détenteurs de ce permis peuvent être exonérés des frais requis pour un permis en conformité avec les accords en vigueur. Ce permis a deux (2) sous-classes:

**E1** : Ce permis est délivré à une personne employée sous contrat de l'Etat y compris les personnes oeuvrant au sein des institutions du secteur tertiaire ou para- étatique;

**E2**: Ce permis est délivré à un assistant technique au Rwanda travaillant sous un accord bilatéral entre le Rwanda et un autre pays ou entre le Rwanda et une organisation internationale.

**6º Classe F: Industrie manufacturière et de transformation**

Ce permis est délivré à une personne ayant l'intention de s'engager dans l'industrie manufacturière et de transformation à titre individuel ou en association avec d'autres. Cette classe est divisée en deux (2) sous-classes :
F1: Investisseur
F2: Entrepreneur

**7º Classe G: Commerce, affaires et services spécifiques**

Ce permis est délivré à une personne ayant l'intention de s'engager seul ou en partenariat avec d'autres dans une activité commerciale de biens ou de services. Ce permis est divisé en deux sous-classes:

**G1:** Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ufite ubwenegihugu bwa kimwe mu bihugu byo mu karere u Rwanda ruherereyemo ushora imari mu bucuruzi bw'ibintu cyangwa serivisi;

**G2:** Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ufite ubwenegihugu bwa kimwe mu bihugu byo hanze y'akarere u Rwanda ruherereyemo ushora imari mu bucuruzi bw'ibintu cyangwa serivisi.

**8º Urwego H: Umurimo utangwa n'umukoresha wihariye**

Uru ruhushya ruhabwa umukozi ufite akazi kihariye ukoreshwa n'umukoresha wihariye.Uru ruhushya rugabanyijemo íbice by'urwego bitanu (5) :

**H1**: Uru ruhushya ruhabwa umukozi ufite ubumenyi mu mirimo iri ku rutonde rw'imirimo ikenewe ubifitiye impamyabumenyi cyangwa uburambe mu kazi akora. Uru ruhushya rumara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

**H2**: Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga w'umukozi wabonye akazi wishingiwe n'umukoresha we, akaba abifitiye impamyabumenyi cyangwa uburambe mu kazi akora.

**H3:** Uru ruhushya ruhabwa umunyamakuru cyangwa uhagarariye itangazamakuru rikomoka hanze, ufite icyemezo cyo gutara amakuru ahabwa n'inzego zibishinzwe mu Rwanda.

**G1:** This permit shall be issued to a person who is a national of a country within the region who engages in trade of goods or services;

**G2:** This permit shall be issued to a person who is a national of the country outside the region in which Rwanda is situated, who engages in specific trade of goods or services.

**8º Class H: Specific employment by specific employer**

This permit shall be issued to a worker with specific employment by specific employer. This permit shall be divided into five (5) sub-classes:

**H1**: This permit shall be issued to a skilled worker on an occupation on demand list who possesses the qualifications or relevant work experience. This permit shall be valid for three (3) years renewable.

**H2:** This permit shall be issued to a skilled worker sponsored by his/her employer and who possesses required qualifications or relevant work experience.

**H3:** This permit shall be issued to a journalist or a foreign media representative who holds an accreditation from the competent Rwandan Authorities.

**G1 :** Ce permis est délivré à un étranger ressortissant de l'un des pays de la région qui s'engage dans le commerce des biens ou services ;

**G2 :** Ce permis est délivré à un étranger ressortissant des pays en dehors de la région dans laquelle le Rwanda est situé, qui s'engage dans le commerce des biens et services.

**8º Classe H: Emploi spécifique par un employeur spécifique**

Ce permis est délivré à un employé qui a un emploi spécifique employé par un employeur spécifique. Ce permis est divisé en cinq (5) sous-classes :

**H1 :** Ce permis est délivré à un employé talentueux pour un emploi qui figure sur la liste d'emploi en forte demande et qui a des qualifications ou une expérience requises. Ce permis a une durée de trois (3) ans renouvelable.

**H2** : Ce permis est délivré à un employe sponsorisé par un employeur et ayant les qualifications ou expérience requise.

**H3** : Ce permis est délivré à un journaliste ou un représentant des media étrangers ayant obtenu l'accréditation délivrée par les autorités rwandaises habilitées.

**H4:** Uru ruhushya ruhabwa umukozi w'umunyamahanga ufite ubumenyi buciriritse cyangwa umunyabukorikori uturuka mu bihugu byo mu karere u Rwanda ruherereyemo.

**H5:** Uru ruhushya ruhabwa umukozi w'umunyamahanga ukora mu muryango mpuzamahanga cyangwa wo mu karere u Rwanda ruherereyemo.

**9º Urwego I: Ibikorwa by'iyobokamana ryemewe**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ukora ibikorwa by'iyobokamana ryemewe.

**10º Urwego J: Ishoramari mu kwakira abantu n'ibindi bifitanye isano**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ushora imari mu bikorwa byo kwakira abantu n'ibindi bijyanye nabyo. Uru ruhushya rurimo ibice by'inzego bibiri:

J1: Umushoramari
J2: Uwikorera

**11º Urwego K: Ufite ubushobozi bwo kwitunga**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu ubona amafaranga amutunga ahagije harimo umuntu uri mu kiruhuko cy'izabukuru udateganya kwaka akazi mu Rwanda nk'uko byateganywa n'urwego rubifitiye ububasha.

**H4:** This permit shall be issued to a semi-skilled worker or artisan who is a national of one of the countries within the region.

**H5:** This permit shall be issued to a Foreign staff working in an International or regional organization.

**9º Class I: Approved Religious Activities**

This permit shall be issued to a foreigner engaged in approved religious activities.

**10º Class J: Hospitality industry and related activities**

This permit shall be issued to a foreigner who invests in hospitality sector and other related activities. This class shall have two 2 sub-classes:

J1: Investor
J2: Entrepreneur

**11º Class K: Person with assured income**

This permit shall be issued to a person with assured income including a retired person who does not intend to be employed in Rwanda as may be determined by the competent authority.

**H4** : Ce permis est délivré à une personne qui a une qualification moyenne et à un artisan ressortissant d'un pays de la région.

**H5:** Ce permis est délivré à un agent etrangers travaillant dans une organisation internationale ou regionale.

**9º Classe I : Activités religieuses agréées**

Ce permis est délivré à un étranger ordonné engagée dans des activités religieuses agréées.

**10º Classe J** : **Hôtellerie et domaines connexes**

Ce permis est délivré à étranger qui investit dans le domaine de l'hospitalité et autres domaines connexes. Cette classe est divisée en deux sous-classes :

J1:Investisseur
J2:Enterpreneur

**11º Classe K: Personne avec un revenu suffisant**

Ce permis est délivré à une personne ayant un revenu sûr de même qu'à une personne en retraite qui n'a pas l'intention d'être employée au Rwanda tel que cela peut être déterminé par l'autorité compétente.

**12º Urwego M: Uruhushya rwihariye rw'utunzwe**

Uru ruhushya ruhabwa ugize umuryango wa hafi, cyangwa undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango w'umuntu ufite uruhushya rw'igihe giteganyijwe, kidateganyijwe cyangwa umwenegihugu. Uru ruhushya rugabanyijemo íbice by'urwego bitatu (3):

**M1**: Uru ruhushya ruhabwa umuntu utunzwe n'umunyarwanda, rumara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

**M2**: Uru ruhushya ruhabwa umuntu utunzwe n'umunyamahanga ufite uruhushya rw'igihe kidahoraho, rukamara igihe kingana n'icy'uwasabye uruhushya w'ibanze.

**M3**: Uru ruhushya ruhabwa ugize umuryango wa hafi, undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango b'ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe gihoraho. Uru ruhushya rumara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa

**13º Urwego N: Umunyeshuri, umukozi wimenyereza akazi**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu uri mu Rwanda ku mpamvu zo kwiga cyangwa umukozi wimenyereza akazi. Uru ruhushya rugabanyijemo ibice by'urwego bibiri (2):

**N1:** Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga uri mu Rwanda ku mpamvu zo kwiga. Rumara igihe

**12º Class M: Dependants pass**

This permit shall be issued to a close relative or any other person who may be considered as family member of temporary resident, permanent resident holders or of a national. This permit shall be divided into three (3) sub-classes :

**M1**: This permit shall be issued to a dependant of a Rwandan and shall be valid for three (3) years renewable.

**M2**: This permit shall be issued to a dependant of a temporary resident holder and shall have the same validity as of the principal applicant.

**M3**: This permit shall be issued to a close relative or any other person who may be considered as a family member of a holder of Permanent Residence permit. This permit shall have the validity of three (3) years renewable.

**13º Class N: Student pass, occupational trainee**

This permit shall be issued to a person who is in Rwanda for study purposes or occupational trainee. This permit shall be divided into two (2) sub-classes :

**N1**: This permit shall be issued to a foreigner who is in Rwanda for study purpose. Its validity shall

**12º Classe M: Permis exceptionnel pour personne à charge**

Ce permis est délivré à un proche parent et toute autre personne pouvant être considérée comme membre de famille d'un resident temporaire ou permanent ou d'un Rwandais. Ce permis est divisé en trois (3) sous-classes :

**M1**: Ce permis est délivré à une personne dépendante qui est à charge d'un Rwandais et est valable pour une durée de trois (3) ans renouverable.

**M2**: Ce permis est délivré à une personne dépendante qui est à charge d'un résident temporaire et est valable pour une durée égale à celle du résident.

**M3**: Ce permis est délivré à un proche parent ou à oute autre personne pouvant etre considérée come membre de la famille d'une personne ayant un permis de residence de titre permanent. Ce permit est valable pour une duree de trois (3) ans renouvelable.

**13º Classe N: Etudiant, stagiaire professionnel**

Ce permis est délivré à toute personne qui est au Rwanda pour des raisons d'études ou stage professionnel. Ce permis est divisé en deux (2) sous-classes:

**N1 :** Ce permis est délivré à un étranger qui est au Rwanda pour des raisons d'études. Il a une validité

kingana n'umwaka umwe ushobora kongerwa hakurikijwe uko yemerewe mu wundi mwaka w'amashuri. Rushobora kandi kwitwa uruhushya rwihariye rw'umunyeshuri mu gihe birebana n'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba.

**N2:** Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga urimo kwimenyereza umwuga cyangwa gukora ubushakashatsi mu rwego rwa kaminuza bigamije kongera ubumenyi mu kazi ke.

**14º Urwego P: Umukorerabushake n'ukora ari mu kiruhuko**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu ukora akazi k'ubukorerabushake mu muryango uri mu Rwanda wagiranye amasezerano na Leta y'u Rwanda. Uru ruhushya ruhabwa kandi umunyeshuri wiga mu kigo cy'amashuri makuru kizwi ushaka gukora mu gihe cy'ibiruhuko cyangwa umunyeshuri ukirangiza kwiga. Uru ruhushya rugabanyijemo íbice by'inzego bibiri (2)

**P1:** Uru ruhushya ruhabwa umuntu ukora akazi k'ubukorerabushake mu muryango uri mu Rwanda bikurikije amasezerano u Rwanda rwagiranye n'igihugu cyangwa undi muryango mpuzamahanga.

**P2:** Uru ruhushya ruhabwa umunyeshuri wiga mu kigo cy'amashuri makuru kizwi cyangwa uje gukora mu Rwanda mu gihe cy'ibiruhuko cyangwa umunyeshuri ukirangiza kwiga. Uru ruhushya rumara igihe kitarenga umwaka.

be one year renewable in accordance to his/her admission academic calendar. It shall have the same meaning as a student pass in the context of East African Community.

**N2**: This permit shall be issued to a foreigner who undertakes training or academic research with the aim of enhancing his/her skills in his/her present occupation.

**14º Class P: Voluntary worker and holiday worker**

This permit shall be issued to a person who undertakes voluntary work in an organization that has a prescribed agreement with the government of Rwanda. The permit shall also be issued to a student of a recognized institution of higher learning working during his/her holidays or a student who has just completed studying. This permit shall be divided into two (2) sub-classes:

**P1:** This permit shall be issued to a person who undertakes voluntary work with an organization in Rwanda through an agreement with the government of Rwanda or an international organization.

**P2:** This permit shall be issued to a student of a recognized institution of higher learning working during his/her holidays or a student who has just completed studying. This permit shall have validity of up to one year.

d'un an renouvelable selon son admission à une nouvelle année académique. Il peut être appelé permis exceptionnel pour étudiant dans le contexte de la Communauté de l'Afrique de l'Est.

**N2 :** Ce permis est délivré à un étranger qui fait son stage ou fait des recherches académiques dans le but de renforcer ses capacités professionnelles.

**14º Classe P: Employé volontaire et employé de vacances**

Ce permis est délivré à une personne engagée dans un emploi volontaire au sein d'une organisation qui a signé un accord avec l'Etat Rwandais. Il est aussi octroyé à un étudiant en formation auprès d'une institution d'enseignement supérieur reconnue qui veut travailler durant ses vacances ou un étudiant qui vient de terminer ses études. Ce permis est divisé en deux (2) sous-classes :

**P1 :** Ce permis est délivré à une personne engagée dans un emploi volontaire au sein d'une organisation au Rwanda suivant un accord signé entre le Rwanda et cette organisation internationale.

**P2:** Ce permis est délivré à un étudiant en formation auprès d'une institution d'enseignement supérieur reconnue durant ses vacances ou un étudiant qui vient de terminer ses études. Ce permis est valable pour une durée ne depassant pas une année.

**15º Urwego R: Uruhushya rudasanzwe**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga uje gukorera mu Rwanda mu gihe kitarenga iminsi mirongo icyenda (90) cyangwa uwikorera utarabona uruhushya rwo kuba mu Rwanda.

**16º Urwego S: Uruhushya rwihariye rw'abaturiye imipaka**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga uturiye imbibi z'u Rwanda, ari utuye mu Rwanda cyangwa mu gihugu gihana imbibi n'u Rwanda wambuka umupaka kenshi kubera akazi cyangwa ibikorwa bindi by'ubucuruzi akora.

Uru ruhushya rugabanyijemo ibice by'inzego bibiri (2):

**S1:** Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga uturiye imbibi muri kimwe mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda winjira akanasohoka mu Rwanda kenshi ku mpamvu z'akazi cyangwa z'ubucuruzi. Uwo muntu asubira aho aba buri munsi nyuma y'akazi.

**S2:** Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga uba mu Rwanda hafi y'umupaka, uva kenshi mu Rwanda akajya gukora akazi cyangwa ubucuruzi mu nkengero z'igihugu cy'abaturanyi.

**17º Urwego W: Ikoranabuhanga n'ibikorwa byerekeranye na ryo**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ushaka

**15º Class R: Special pass**

This pass shall be issued to a foreigner who secures employment for not more than ninety (90) days. It shall also be issued to a worker or a self employed person who has not yet acquired a residence permit.

**16º Class S: Frontier pass**

This pass shall be issued to a foreigner who resides along the border area of Rwanda or bordering country who regulary crosses for reasons of work or business.

This pass shall be divided into two (2) sub-classes:

**S1**: This pass shall be issued to a foreigner residing within the border area of a country bordering Rwanda who regularly enters and exits Rwanda to work or do business. This person normally exits Rwanda each working day to return to his/her place of residence.

**S2:** This pass shall be issued to a foreigner who resides in Rwanda within a frontier region but regularly exits Rwanda to work or do business in a border area of the bordering country.

**17º Class W: Information technology and related activities**

This permit shall be issued to a foreigner who

**15º Classe R: Permis spécial**

Ce permis est délivré à un étranger ayant un contrat d'emploi pour une durée n'excédant pas quatre-vingt-dix (90) jours ou un employé independant en quête de permis de séjour.

**16º Classe S : Permis exceptionnel frontalier**

Ce permis est délivré aux étrangers qui résident près de la frontière du Rwanda dans une zone frontalière avec le Rwanda et qui traversent régulièrement la frontière pour des raisons de travail ou de commerce.

Ce permis est divisé en deux sous-classes:

**S1** : Ce permis est délivré à un étranger résidant dans une zone frontalière avec le Rwanda qui entre reguliérement pour des raisons de travail ou d'affaires et retourne reguliérement dans son pays de residence.

**S2 :** Ce permis est délivré à un étranger qui réside au Rwanda dans une zone frontalière mais en sort régulièrement pour des raisons de travail ou d'affaires.

**17º Classe W : Technologie d'information et activités connexes**

Ce permis est délivré à un étranger qui a l'intention

gukora ibikorwa by'ikoranabuhanga n'ibikorwa bifitanye isano na byo. Uru ruhushya rugabanyijemo íbice by'inzego bibiri:

W1: Umushoramari

W2: Uwikorera

**18º Urwego X: Ubwikorezi n'ibikoresho**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ushaka gushora imari mu bikorwa by'ubwikorezi n'ibikoresho n'ibindi bikorwa bifitanye isano na byo. Uru ruhushya rufite ibice by'inzego bibiri:

X1: Umushoramari

X2: Uwikorera

**19º Urwego Z: Irindi shoramari**

Uru ruhushya ruhabwa umuntu ushaka gukora ibindi bikorwa by'ishoramari mu rundi rwego rw'ubukungu rudateganyijwe n'iri teka. Uru ruhushya rugabanyijemo inzego ebyiri:

Z1: Umushoramari

Z2: Uwikorera

**<u>Ingingo ya 5</u>: Uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe kidateganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe rutuma umunyamahanga ahaguma igihe kidateganyijwe akora akazi cyangwa afite

intends to invest in the domain of information technology or other related activities. This class of residence permit shall have two sub-classes:

W1: Investor

W2: Entrepreneur

**18º Class X: Transport and logistics**

This permit shall be issued to a foreigner who intends to invest in the domain of transport and logistics or other related activities.This class of residence permit shall have two sub-classes:

X1: Investor

X 2: Entrepreneur

**19º Class Z: Other investments**

This permit shall be issued to a person who intends to invest in any other sector of the economy that is not mentioned in this Order. This class of permit shall have two sub-classes:

Z1: Investor

Z2: Entrepreneur

**<u>Article 5</u>: Permanent residence permit**

A permanent residence permit shall enable a foreigner to reside in Rwanda permanently in order to work or engage in business in accordance

d'investir dans le domaine de la technologie de l'information ou dans d'autres activités connexes. Cette classe est divisée en deux sous-classes:

W1:Investisseur

W2:Enterpreneur

**18º Classe X : Transport et logistique**

Ce permis est délivré à un étranger qui a l'intention d'investir dans de domaine du transport et logistique ou dans des activités connexes. Cette classe est divisée en deux sous-classes:

X1:Investisseur

X2:Enterpreneur

**19º Classe Z: Autres investissements**

Ce permis est délivré à une personne qui a l'intention d'investir dans un autre secteur de l'économie non mentionné dans le présent arrêté. Cette classe est divisée en deux sous-classes:

Z1:Investisseur

Z2: Enterpreneur

**<u>Article 5</u>: Permis de séjour permanent**

Un permis de séjour permanent permet à un étranger de résider au Rwanda de façon permanente en vue de travailler ou de s'engager

ibikorwa ku buryo bukurikije amategeko.

with the law.

dans des activités commerciales conformément à la loi.

Abisabye Ubuyobozi Bukuru kandi hujujwe ibisabwa, uwasabye uru ruhushya aruhabwa mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) y'akazi uhereye igihe yarusabiye.

Upon submitting the necessary requirements to the Directorate General, the applicant shall be issued with such a permit within thirty (30) working days of application.

Après le dépôt des documents requis à la Direction Générale, e requérant acquiert un tel permis endéans trente (30) jours ouvrables à partir du jour de la demande.

Umwana utarageza ku myaka y'ubukure ukibana n'ababyeyi ashobora guhabwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe kidateganyijwe mu gihe ababyeyi bayihawe. Iyo umwana agejeje ku myaka makumyabiri n'itanu (25) ararwamburwa. Nyuma, ashobora kandi gusaba akanahabwa uruhushya rujyanye n'icyiciro yaba arimo.

A child living with his/her parents who is eligible to a permanent residence permit may be granted permanent residence as the parents. This permit shall be withdrawn when he/she attains twenty five (25) years of age. There after, he/she shall be eligible for any other relevant permit upon application.

L'enfant mineur vivant avec ses parents éligibles à un permis de séjour permanent peut acquérir ce permis en même temps que ses parents. A l'âge de ving-cinq (25) ans, ce permis lui est retiré. Il est éligible au permis de tout autre classe quand il en fait la demande.

Uwashyingiranywe n'umuntu ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe ahabwa uruhushya rumara igihe kingana nk'icy'uwo bashyingiranywe.

The spouse of the holder of a permanent residence permit shall be entitled to a permit valid for the same time period as his/her spouse.

Le conjoint d'une personne ayant un permis de séjour permanent a droit au permis de même validité que celui de son conjoint.

**Ingingo ya 6: Inzego z'uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**

Uru ruhushya rugizwe n'inzego zikurikira:

**1º Urwego L-1 : Utuye igihe kirenga imyaka itanu**

Uru ruhushya rushobora guhabwa umunyamahanga wari utuye mu Rwanda byemewe n'amategeko igihe nibura cy'imyaka

**Article 6: Classes of permanent residence permits**

This classes of the permanent residence permit shall be the following:

**1º Class L-1 : Resident exceeding five years**

This permit may be issued to a qualified foreigner who has been a lawful resident for at least a period of five (5) years. Upon application, the

**Article 6: Classification des permis de séjour permanents**

Ce permis de séjour est categorisé comme suit:

**1º Classe L-1 : Résident excédant cinq (5) ans**

Ce permis peut être délivré à un étranger ayant légalement résidé au Rwanda pendant une période d'au moins de cinq (5) ans. Le Directeur Général

itanu (5). Umuyobozi Mukuru asuzuma niba uwarusabye yujuje ibisabwa hakurikijwe uburyo buhari.

**2º Urwego L-2 :Uruhushya rw'umwihariko**

Uru ruhushya buhabwa umuntu wagize icyo amarira u Rwanda kidasanzwe cyangwa uwo u Rwanda rufitemo inyungu.

**3º Urwego rwa L-3: Abakozi bakuru b'amasosiyete mpuzamahanga**

Uru ruhushya ruhabwa abakozi bakuru b'ibigo mpuzamahanga bikorera mu Rwanda. Ibi bigo ni ibyagaragajwe na Leta y'u Rwanda kuba byagirira igihugu akamaro kadasanzwe.

**4º Urwego L-4: Diyasipora**

Uru ruhushya ruhabwa umunyamahanga ufite inkomoko y'u Rwanda uba mu gihugu kitemera ubwenegihugu burenze bumwe.

**5º Urwego L-M: Uwashyingiranywe**

Uru ruhushya ruhabwa uwashyingiranywe n'ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**.**

**6º Urwego L-C : Umwana**

Uru ruhushya ruhabwa umwana w'ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda mu gihe kidateganyijwe. Uru ruhushya rukomeza kugira agaciro kugeza

Director General shall examine the eligibility of the applicant as determined by prescribed criteria.

**2º Class L-2 : Exceptional permit**

This permit shall be issued to a person who makes an exceptional contribution to Rwanda or who is of particular interest to Rwanda.

**3º Class L-3: Key staff of multinational companies**

This permit shall be issued to key staff of multinational company which is of special interest to Rwanda in case he/she is working in Rwanda.

**4º Class L-4: Diaspora**

This permit shall be issued to a foreigner of Rwandan origin residing in a country which does not accept dual nationality.

**5º Class L-M**: **Spouse**

This permit shall be issued to a spouse of the holder of permanent residence permit.

**6º Class L-C: Child**

This permit shall be issued to a child of the holder of permanent residence permit. The permit shall remain valid until the child attains twenty-five

examine l'éligibilité de sa demande sur base des critères prescrits.

**2º Classe L-2 : Permis exceptionnel**

Ce permis est réservé à une personne ayant apporté une contribution exceptionnelle à l'essor du Rwanda où étant d'un intérêt certain pour le Rwanda.

**3º Classe L-3 : Personnel-clé des sociétés multinationales**

Ce permis est délivré au haut cadre des societés multinationales oeuvrant au Rwanda et qui sont d'un intérêt certain pour le Rwanda.

**4º Classe L-4: Diaspora**

Ce permis est délivré à un étranger d'origine rwandaise qui réside dans un pays qui ne reconnait pas la double nationalité.

**5º Classe L-M : Conjoint**

Ce permis est délivré à un (e) conjoint(e) d'un étranger ayant un permis de séjour permanent.

**6º Class L-C : Enfant**

Ce permis est délivré à un enfant issu d'un parent qui détient un permis de séjour permanent. Ce permis est valide jusqu'à ce que l'enfant atteigne

umwana yujuje imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'ubukure.

## Ingingo ya 7: Ikarita y'umunyamahanga

Ni ikarita iranga umunyamahanga uba mu Rwanda. Iyi karita iri mu byiciro bitatu, ari byo:

1° ikarita y'umunyamahanga isanzwe;
2° ikarita y'abanyacyubahiro;
3° ikarita y'abaterankunga mu rwego rwa tekiniki.

Isaba ry'ikarita y'abanyacyubahiro n'iy'abaterankunga mu rwego rwa tekiniki rinyuzwa muri Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo.

Ikarita y'umunyamahanga isanzwe isabirwa ku Buyobozi Bukuru.

Iyi karita imara igihe kingana n'uruhushya rwo kuba mu Rwanda umunyamahanga afite.

## Icyiciro cya 2: Ibyiciro bya viza

## Ingingo ya 8: Viza yo kwinjira

Icyiciro cya Viza yo kwinjira gifite inzego eshatu (3) zikurikira:

**1º Urwego V-1: Viza yo kwinjira**: Iyi Viza yo kwinjira ihabwa umunyamahanga ushaka gusura u Rwanda ku mpamvu iyo ariyo yose itari iyo gukora cyangwa ubucuruzi kandi atari umwenegihugu w'igihugu kitishyuzwa viza.

(25) years of age.

## Article 7: Foreigner's identity card

This is an identification document issued to a foreigner holding a residence permit. This card shall have three categories, namely:

1° the ordinary card;
2° the diplomatic card;
3° the technical assistant card.

Diplomatic and Technical Assistance card shall be issued under the authority of the Ministry in charge of foreign affairs.

The application for an ordinary foreigner's identity card shall be submitted to the Directorate General.

Foreigner's identity card shall have the same validity as the corresponding Residence permit.

## Section 2: Categories of visas

## Article 8: Entry visa

This category of entry visa shall consist of three (3) classes namely:

**1º Class V-1: Entry visa:** This entry visa shall be issued to a foreigner who intends to visit Rwanda for any purpose other than work or business and is not a citizen of a country with which Rwanda has a visa waiver regime.

l'âge de vingt cinq (25) ans.

## Article 7: Carte d'identité pour étranger

C'est un document d'identification délivré à un étranger qui a un permis de séjour. Cette carte a trois catégories, à savoir :

1° la carte ordinaire ;
2° la carte diplomatique ;
3° la carte d'assistance technique.

La demande d'une carte diplomatique et d'une carte d'assistance technique est faite à travers le Ministère ayant les Affaires Etrangères dans ses attributions.

La demande de la carte ordinaire pour étranger sera faite auprès de la Direction Générale.

La validité de la carte d'identité pour étranger est la même que celle du permis de séjour d'un étranger.

## Section 2: Catégories de visas

## Article 8: Visa d'entrée

La catégorie du visa d'entrée comporte trois classes à savoir:

**1º Classe V-1 : Visa d'entrée :** Ce visa d'entrée est délivré à un étranger, non ressortissant d'un pays auquel le visa d'entrée est exempté, qui veut visiter le Rwanda pour une quelconque raison autre que le travail ou affaires.

Iyi Viza yo kwinjira ishobora kuba iyo kwinjira inshuro imwe cyangwa nyinshi kandi imara igihe kitarenga iminsi mirongo itatu (30).

Iyi Viza yo kwinjira isabwa binyuze ku murongo wa interineti cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru.

**2º Urwego V-2: Uruhushya rw'abakozi b'indege cyangwa amato.** Uru ruhushya ruhabwa abakozi b'indege cyangwa amato kandi rutangirwa ku mupaka. Iyi viza imara amasaha 72 ashobora kongerwa rimwe.

**3º Urwego VP**: **Uruhushya rwo gusura:** Uru ruhushya rwo gusura ruhabwa umwenegihugu wo muri kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, rugatangirwa ku mupaka rushyirwa mu rwandiko rw'inzira rufite agaciro. Rumara amezi atandatu (6) ashobora kongerwa.

**<u>Ingingo ya 9:</u> Viza yo gutambuka**

Icyiciro cya viza yo gutambuka kigizwe n'ubwoko bumwe bwa viza :

**Urwego Q1: Gutambuka:** Iyi viza ihabwa umuntu unyura mu Rwanda mu gihe kitarenze amasaha mirongo irindwi n'abiri (72). Viza yo gutambuka ishobora kongerwa rimwe gusa mu gihe bibaye ngombwa. Icyo gihe hatangwa viza nshya idashobora kurenza amasaha mirongo irindwi n'abiri (72).

This entry visa may be single or multiple entries and shall be valid for a period of not more than 30 days.

This entry visa shall be applied for online or any other place as may be determined by the Director General.

**2º Class V-2: Crew Pass:** This class of visa shall be issued to crew members and shall be obtained at a border post. It shall be valid for 72 hours renewable once.

**3º Class: VP: Visitors Pass**: This visa shall be issued to a citizen of East African Community partner states obtained at the border post by the prescribed endorsement on the valid travel document. It shall be valid for six months renewable.

**<u>Article 9</u>: Transit visa**

The category of transit visa shall consist of one class:

**Class Q1: Transit:** This visa shall be issued to a person on transit in Rwanda for a period not exceeding seventy two hours (72). Transit visa may only be extended once when necessary. In such circumstances a transit visa shall be extended to a period not exceeding seventy two hours (72).

Ce visa d'entrée peut être à entrée unique ou multiples et a une validité n'excédant pas trente (30) jours.

La demande de ce visa d'entrée est faite par voie d'internet ou à un autre endroit déterminé par le Directeur Général.

**2º Classe V-2 : Membre d'équipage** : Ce visa est octroyé aux membres d'équipage d'aéronefs ou de bateaux. Il est delivré au poste d'entrée pour une durée de 72 heures renouvelable une fois.

**3º Classe VP : Visa pour visiteur :** Ce visa pour visiter est octroyé à un citoyen ressortissant d'un pays membre de la Communauté de l'Afrique de l'Est et est obtenue au poste d'entrée en l'apposant dans un document de voyage valide. Elle a une validité de six (6) mois renouvelable.

**<u>Article 9:</u> Visa de transit**

La catégorie du visa de transit comporte une seule classe :

**Class Q1: transit :** Ce visa est octroyé à une personne effectuant un passage de soixante-douze (72) heures au plus au Rwanda : Le visa de transit peut être prorogé une seule fois si nécessaire. Dans de telles circonstances exceptionnelles un nouveau visa de transit est delivré pour une autre durée ne dépassant pas soixante-douze (72) heures.

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo, ku murongo wa interineti, cyangwa ahandi hose hagenwa n'Umuyoyobozi Mukuru.
Iyi viza ni iyo kwinjira inshuro imwe kandi uyifite ntiyemerewe gukora.

Usaba iyi viza agomba kuba afite inyandiko zemewe zituma yinjira mu kindi gihugu.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Gusonerwa viza yo gutambuka**

Abanyamahanga bakurikira bafite inyandiko z'inzira zifite agaciro basonerwa viza yo gutambuka:

1° umunyamahanga unyuze ku kibuga cy'indege cy'u Rwanda ariko ari bukomezanye urugendo n'indege ihamugejeje;
2° umunyamahanga utegereje iminsi itarenga itatu (3) ku kibuga cy'indege kugira ngo akomeze n'indi ndege yo kumugeza aho agiye.

Iki gihe gishobora kongerwa n'Umuyobozi Mukuru iyo bibaye ngombwa.

Uko gusonerwa ntikureba umunyamahanga witinza kugenda nkana ku mpamvu ze bwite.

Impamvu zo gutinda zigomba kuba zerekeranye na gahunda y'indege cyangwa imiterere mibi y'ikirere. Uko gusonerwa kugenewe gusa umunyamahanga udafite indege yahita imujyana akaguma ku kibuga cy'indege cyangwa hafi yacyo ategereje indege ya mbere ishobora kuboneka.

This visa shall be applied for at Rwandan diplomatic mission in the applicant's country of residence, online, or at any other place as may be determined by the Director General.
A transit visa is a single entry visa and the holder shall not be permitted to work.

An applicant of this visa shall be required to have appropriate documentation for entry to the country of destination.

**<u>Article 10:</u> Exemption for a transit visa**

The following foreigners, holding valid travel documents shall be exempted from a transit visa.

1° a foreigner who is on transit through a Rwandan airport but who shall continue his/her journey with the same flight;

2° a foreigner waiting for not more than three (3) days at Rwandan airport for a connecting flight to carry him/her to the next destination.

This period may be extended by the Director General where necessary.

This exemption shall not be offered to a foreigner who deliberately delays his/her departure for his/her own reasons.
Reasons for delay must relate to the flight schedule or to bad weather conditions. This entitlement is exclusively offered to a foreigner who has no direct flight and who shall remain at or near the airport for the first available flight out of Rwanda.

La demande de ce visa est faite à l'aide de l'internet ou à un autre endroit determiné par le Directeur Général.

C'est un visa d'une seule entrée et son détenteur n'est pas autorisé de travailler.

Les demandeurs de ce visa doit avoir des documents appropriés et valides leur permettant d'entrer dans le pays de destination.

**<u>Article 10:</u> Exemption de visa de transit**

Les étrangers suivants, munis de passeports valides, sont exemptés du visa de transit:

1° un étranger qui transite par un aéroport rwandais pour continuer son voyage avec le même vol ;

2° un étranger qui doit attendre pendant moins de trois (3) jours à un aéroport rwandais un vol de connection pour l'amener à sa destination.

Ce temps peut être prolongé par le Directeur Général en cas de nécessité.

Cette exemption n'est pas accordée à un étranger qui retarde délibérément son départ pour des raisons personnelles.
Les raisons du retard doivent se rapporter au programme de vol ou aux mauvaises conditions météorologiques. Ce droit est exclusivement accordé à un étranger n'ayant pas de vol direct qui reste à l'aéroport ou dans ses environs pour le premier vol disponible en provenance du Rwanda.

Ibiteganywa mu duce 1º na 2º tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo bishobora gukurikizwa no kubundi buryo bwo gutwara abantu.

**Ingingo ya 11: Viza y'ubukerarugendo**

Viza y'ubukerarugendo ituma umunyamahanga asura u Rwanda ku mpamvu z'ubukerarugendo, gushaka akazi, gusura inshuti kwivuza cyangwa se izindi mpamvu z'igihe gito zitari izo gukora.

Icyiciro cya viza y'ubukerarugendo kigizwe n'inzego cumi n'imwe (11) zikurikira:

**1° Urwego T1– Ubukerarugendo**

Iyi viza ihabwa umuntu ufite ubwenegihugu bw'igihugu u Rwanda rwasoneye viza yo gusura uje gusura ku mpamvu z'ikiruhuko, ubukerarugendo, kwidagadura cyangwa se indi mpamvu y'igihe gito kitari icyo gukora akazi.

Iyi viza ni iyo kwinjira inshuro nyinshi kandi imara iminsi itarenga mirongo icyenda (90).

**2° Urwego T2– Ubukerarugendo**

Iyi viza ihabwa umuntu utari umwenegihugu w'igihugu u Rwanda rwakuriyeho viza yo gusura uje gusura u Rwanda, ku mpamvu z'ubukerarugendo, z'ikiruhuko, zo kwidagadura cyangwa se indi mpamvu y'igihe gito kitari icyo

The provisions of points 1º and 2º of the paragraph One of this Article may apply to other means of transport.

**Article 11: Tourist visa**

A tourist visa enables a foreigner to visit Rwanda for tourism, seek employment, visit friends, medical treatment or other short term non work purposes.

The category of tourist visa shall consist of the following eleven (11) classes:

**1° Class T1-Tourist**

This visa shall be issued to a person who is a national of a country with which Rwanda has a visa waiver regime visiting for holiday, sightseeing, social or recreational purpose or other short term non-work purpose.

This is a multiple entry visa valid for a period not exceeding ninety (90) days.

**2° Class T2– Tourist**

This visa shall be issued to a person who is not a national of a country with which Rwanda has a visa waiver regime, to visit for a holiday, sightseeing, social or recreational purpose or other short term non work purpose.

Les dispositions des points 1º et 2º de l'alinéa 1er du présent article peuvent s'appliquer aux autres moyens de transport.

**Article 11 : Visa touristique**

Le visa touristique permet à un étranger de visiter le Rwanda pour de raisons touristiques, chercher un emploi, visite des amis, subir un traitement médical ou pour toute autre raison de courte durée autre que l'emploi.

La catégorie de visa touristique comporte onze (11) classes qui sont:

**1° Classe T1 –Touriste**

Ce visa est octroyé au ressortissant d'un pays avec lequel le Rwanda a un régime d'exonération pour des raisons de vacances, touristique, sociale, de loisir ou pour toute autre raison de courte durée autre que l'emploi.

Ce visa est valable pour des entrées multiples et valide pour une période n'excédant pas quatre-vingt dix (90) jours.

**2° Classe T2 – Touriste**

Ce visa est octroyé au citoyen non ressortissant d'un pays avec lequel le Rwanda a un accord bilatéral de visite pour des raisons de vacances , touristique, sociale, de loisir ou pour toute autre raison de courte durée autre que l'emploi.

gukora akazi.

Iyi viza ishobora guhabwa umuntu ufite ubwoko bwa viza T1 mu gihe ashaka kongera iminsi yo kuba mu Rwanda.
Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo, ku murongo wa interineti, ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahadi hose hagenwa n'Umuyobozi Bukuru.

Iyi visa imara iminsi mirongo cyenda (90) ishobora kongerwa rimwe. Ni iyo kwinjira inshuro nyinshi ariko uyifite ntiyemerewe gukora.

**3° Urwego T3 – Umuryango**

Iyi viza ihabwa umuntu wifuza gusura ugize umuryango n'ugize umuryango wa hafi uba mu Rwanda.

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo, ku murongo wa interinet, ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru.

Iyi viza imara iminsi mirongo cyenda (90) ishobora kongerwa inshuro ebyiri. Uyifite yemerewe kwinjira inshuro nyinshi ariko ntiyemerewe gukora.

**4° Urwego T4 – Umudipolomate uje mu kazi**

Iyi viza ihabwa umudipolomate

This visa may be issued to a person in possession of class T1 in case he/she wishes to extend his/her stay in Rwanda.
This visa shall be applied for at Rwandan diplomatic mission in the applicant's country of residence, online, at the Directorate General or at any other place as may be determined by the Director General.

It shall be valid for a period of ninety (90) days, renewable once. The holder may be allowed multiple entries but not permitted to work

**3° Class T3 – Family**

This visa shall be issued to a person who wishes to visit a family member or a close relative residing in Rwanda.

This visa shall be applied for at Rwandan diplomatic mission in the applicant's country of residence, online, at the Directorate General, or other place as may be determined by the Director General.

This visa shall be valid for a period of ninety (90) days, renewable twice. It is a multiple entry visa but the holder shall not be allowed to work.

**4° Class T4: Official diplomat**

This visa shall be issued to a diplomat visiting for

Ce visa peut être octroyé à une personne en possession du visa Classe T1 qui souhaite prolonger son séjour au Rwanda.
La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence du demandeur, par voie d'internet, à la Direction Générale ou à un autre endroit tel que déterminé par le Directeur Géneral.

Sa validité est de quatre-vingt-dix (90) jours renouvelable une fois. C'est un visa d'entrées multiples mais son détenteur n'est pas autorisé de travailler.

**3° Classe T3 – Famille**

Ce visa est octroyé à une personne qui désire rendre visite à un membre de famille, ou un proche parent résidant au Rwanda.

La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence, par voie d'internet, à la Direction Générale ou à un autre endroit déterminé par le Directeur Géneral.

Ce visa est valide pour une période de quatre-vingt-dix (90) jours renouvelable deux fois. C'est un visa d'entrées multiples maisson détenteur n'est pas autorisé de travailler.

**4° Classe T4 – Diplomate en visite officielle**

Ce visa est réservé aux diplomates étrangers en

w'umunyamahanga uje mu Rwanda ku mpamvu z'akazi.

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo, ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru.

Iyi viza imara igihe kitarenga imyaka ibiri (2). Itanga uburenganzira bwo kwinjira inshuro nyinshi.

**5° Urwego T5 – Ushaka akazi**

Iyi viza ihabwa umukozi ufite ubumenyi bukenewe kandi uri kurutonde rw'imirimo ikenewe uje gushaka akazi mu Rwanda

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo, ku murongo wa interineti, ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru. Imara iminsi mirongo cyenda (90) ishobora kongerwa inshuro imwe.

Ufite iyi visa yemerewe kwinjira inshuro nyinshi ariko ntiyemerewe gukora

Iyi viza ita agaciro igihe uwayisabye abonye akazi.

official purposes.

This visa shall be applied for at Rwandan Diplomatic Mission, at the Directorate General, or at any other place as may be determined by the Director General.

This visa shall be valid for a period not exceeding two (2) years. It is a multiple entry visa

**5° Class T 5- Job search**

This visa shall be issued to a skilled worker, whose occupation is on the Occupations Demand List seeking employment.

This visa shall be applied for at Rwandan diplomatic mission in the applicant's country of residence, online, at the Directorate General or at any other place as may be determined by the Director General. It shall be valid for a period of ninety (90) days, renewable once.

It is a multiple entry visa but the holder shall not be allowed to work.

This visa shall be invalid when the holder secures employment.

visite officielle au Rwanda.

La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence du demandeur, par voie d'internet, à la Direction Générale ou à un autre endroit tel que déterminé par le Directeur Géneral.

Ce visa est valable pour une periode ne pouvant pas excéder deux (2) ans et donne droit à plusieurs entrées.

**5° Class T5- Chercheur d'emploi**

Ce visa est octroyé à un travailleur qualifié, le poste d'emploi en forte demande et qui visite le Rwanda en quête d'emploi.

La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence du demandeur, par voie d'internet, à la Direction Générale ou à un autre endroit déterminé par le Directeur Général. Sa validité est de quatre-vingt-dix (90) jours renouvelable une fois.

C'est un visa aux entrées multiples mais son détenteur n'est pas autorisé de travailler.

Cette classe de visa perd sa validité lorsque le détenteur trouve un emploi.

**6° Urwego T6 – Inama**
Iyi viza ihabwa umuntu uje kwitabira inama.

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo cyangwa ku murongo wa interineti.

Iyi viza imara igihe kitarenga iminsi mirongo itatu (30).

Iyi viza ishobora kuba iyo kwinjira rimwe cyangwa kenshi, kandi uyifite ntiyemerewe gukora.

**7° Urwego T7 – Ubucuruzi**

Iyi viza ihabwa umuntu ushaka aho yashora imari, Rwiyemezamirimo cyangwa Umucuruzi uje mu Rwanda kureba icyo yakora.

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo, ku murongo wa interineti, ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru. Imara iminsi mirongo cyenda (90) ishobora kongerwa inshuro imwe.

Ufite iyi visa yemerewe kwinjira inshuro nyinshi ariko ntiyemerewe gukora.

**8° Urwego T8 – Kwivuza**

Iyi viza ruhabwa umuntu ukeneye kuza kwivuza cyangwa kwisuzumisha byemejwe n'umuganga wemewe.

**6° Class T6- Conference**
This visa shall be issued to a person intending to participate in a meeting or conference.

This visa shall be applied at Rwandan Diplomatic Mission in the applicant's country of residence or online.

This visa shall be valid for a period not exceeding thirty (30) days.

This visa may be of single or multiple entries but the holder shall not be permitted to work.

**7° Class T7 – Business**

This visa shall be issued to a prospective investor, entrepreneur or trader to visit and explore business opportunities in Rwanda.

This visa shall be applied for at Rwandan Diplomatic Mission in the applicant's country of residence, online, at the Directorate General, or at any other place as may be determined by the Director General. It shall be valid for a period of ninety (90) days, renewable once.

The holder of this visa shall be allowed multiple entries but shall not be permitted to work.

**8° Class T8 - Medical Treatment**

This visa shall be issued to a person who requires medical treatment or consultation confirmed by a recognized medical practitioner.

**6° Classe T6 - Conférence**
Ce visa est octroyé à une personne entrant au Rwanda pour participer à une réunion ou une conférence.

La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence du demandeur ou par voie d'internet.

Sa validité ne peut pas excéder trente (30) jours.

Ce visa est pour unique ou plusieurs entrées mais le detenteur n'est pas autorisé de travailler.

**7° Classe T7 - Affaires**

Ce visa est octroyé à un investisseur potentiel, à un entrepreneur ou à un commerçant pour visiter et explorer des opportunités d'affaires.

La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence du demandeur ou par voie d'internet, à la Direction Générale ou à un autre endroit déterminé par le Directeur Général. Sa validité est de quatre-vingt-dix (90) jours renouvelable une seule fois.

Le détenteur d'un tel visa a droit à plusieurs entrées mais n'est pas autorisé de travailler.

**8° Classe T8 - Traitement médical**

Ce visa est octroyé à une personne qui vient subir un traitement médical ou une consultation sur ordonance médicale.

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba atuyemo cyangwa ku murongo wa interineti, ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru. Imara iminsi mirongo cyenda (90) ishobora kongerwa.

Ufite iyi visa ashobora kwemererwa kwinjira inshuro nyinshi ariko ntiyemerewe gukora.

Umuntu uherekeje uje kwivuza ahabwa viza nk'iy'uwivuza.

**9° Urwego T9-itsinda ryabakerarugendo**

Iyi viza ruhabwa umuntu uje gutembera mu Rwanda ari mu itsinda ry'abakerarugendo bari hagati ya bane (4) n'icumi (10).

Iyi viza isabirwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba arimo, ku murongo wa interineti, ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru. Imara iminsi mirongo cyenda (90) ishobora kongerwa.

Amakompanyi y'ubukerarugendo ashobora kuyisabira abakerarugendo bagendera mu itsinda.

Ufite iyi viza ashobora kwemererwa kwinjira inshuro nyinshi ariko ntiyemerewe gukora. Ufite iyi viza kandi ntiyemerewe kuyihindura kugira ngo ahabwe uruhushya rwo kuba mu Rwanda.

This visa shall be applied for at Rwanda Diplomatic Mission in the applicant's country of residence, online, at the Directorate General or any other place as may be determined by the Director General. It shall be valid for a period of ninety (90) days, with possibility of extension.

The holder of this visa may be allowed multiple entries but shall not be permitted to work.

A person who accompanies the principal applicant shall be issued with the same visa.

**9° Class T9 – Group Tourist**

This visa shall be issued to a person who is traveling as a member of a group of four (4) to ten (10) tourists.

This visa shall be applied for at Rwanda Diplomatic Mission in the applicant's country of residence, online, at the Directorate General or any other place as may be determined by the Director General. It shall be valid for a period of ninety (90) days renewable.

Tour companies may apply for the visa on behalf of the tourists who are traveling in a group

The holder of this visa may be allowed multiple entries but shall not be allowed to work and change his/her status to acquire a residence permit.

La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence du demandeur ou par voie d'internet, à la Direction Générale ou à un autre endroit déterminé par le Directeur Général. Sa validité est de quatre-vingt-dix (90) jours renouvelable.

Le détenteur d'un tel visa peut avoir droit à plusieurs entrées mais n'est pas autorisé de travailler.

Le garde-malade bénéficie du même visa que celui octroyé à la personne en cours du traitement médical.

**9° Classe T9 – Touristes en Groupe**

Ce visa est octroyé à une personne qui voyage en tant que membre d'un groupe de quatre (4) à dix (10) touristes.

La demande de ce visa est faite auprès de la mission diplomatique rwandaise dans le pays de résidence du demandeur ou par voie d'internet, à la Direction Général ou à un autre endroit tel que déterminé par le Directeur Général. Sa validité est de quatre-vingt-dix (90) jours renouvelable.

Des agences de tourisme peuvent demander le visa au nom des touristes qui voyagent en groupe.

Le détenteur de ce visa peut avoir droit à plusieurs entrées mais n'est pas autorisé de travailler ni de changer la categorie de visa en vue d'obtenir un permis de séjour.

**10° Urwego T10– Ufite ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda atahatuye**

Iyi viza ihabwa umucuruzi utaba mu Rwanda ariko akaba afite mu gihugu ibikorwa bifatika kandi akeneye kujya aza kenshi gusura ibikorwa bye mu Rwanda.

Iyi viza imara igihe cy'imyaka ibiri (2) kugera ku myaka icumi (10) ishobora kongerwa. Isabirwa ku Buyobozi Bukuru.

Ufite iyi visa yemererwa kwinjira inshuro nyinshi no gukora ibijyanye n'imirimo ye yihariye.

**11° Urwego T11 – Viza yo kuziba icyuho**

Iyi viza ihabwa umunyamahanga watakaje uburenganzira bwe bwo kuba mu Rwanda.
Iyi visa ituma umunyamahanga uyisaba aguma mu Rwanda igihe giteganyijwe mu gihe akitegura kuva mu Rwanda cyangwa atarahabwa uruhushya rujyanye n'icyamuzanye

Iyi viza isabirwa ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hantu hagenwa n'Umuyobozi Mukuru. Uyifite ntiyemerewe gukora.

Iyi visa imara igihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) kandi ita agaciro mu gihe uyifite asohotse mu gihugu.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Uburyo bw'itangwa rya viza n'ibindi bijyanye na byo**

Gutanga no kongera viza bikorerwa ku Buyobozi

**10° Class T10 – Itinerant Business Person**

This visa shall be issued to a business person who does not reside in Rwanda but has significant business activities in the country and needs to regularly visit his/her activities in Rwanda.

This visa shall have validity of two (2) to ten (10) years with possibility of extension. It shall be applied at the Directorate General.

The holder shall be allowed multiple entries and permitted to accomplish his/her specific mission.

**11° Class T11- Bridging visa**

This visa shall be issued to a foreigner who has lost his/her status of stay in Rwanda.
A foreigner shall apply for such a visa to allow him/her stay in Rwanda for a specified period while preparing to leave or apply for a new status.

This visa shall be applied for at the Directorate General or any other place as may be determined by the Director General. The holder shall not be permitted to work.

It shall be valid for a period not exceeding ninety (90) days and shall lose its valid upon exit.

**<u>Article 12:</u> Visa issuance procedures and other related matters**

Issuance and Extension of a visa shall be done at

**10° Classe T10– Homme d'affaires itinérant**

Ce visa est octroyé à un(e) homme/femme d'affaires qui ne réside pas au Rwanda mais y mène des activités commerciales importantes pour lesquelles il/elle effectue un suivi régulier.

Sa validité est de deux (2) à dix (10) ans avec possibilité de prorogation. Ce visa est demandé au siège de la Direction Générale.

Le bénéficiaire est autorisé d'effectuer plusieurs entrées et à accomplir sa mission spécifique.

**11° Classe T11 – Visa intermédiaire**

Ce visa est octroyé à un étranger qui est au Rwanda mais dépourvu de son statut de séjour.
Ce visa donne au demandeur étranger le droit de séjourner au Rwanda pour une durée déterminée en se préparant de quitter le Rwanda ou en attendant d'obtenir un permis d'une catégorie sollicitée.

La demande ce visa est faite auprès de la Direction Générale ou à un autre endroit tel que déterminé par le Directeur Général. Son détenteur n'a pas droit de travailler.

Ce visa est valable pour une période n'excédant pas quatre vingt-dix jours (90) et perd sa vailidité à la sortie du pays par son détenteur.

**<u>Article 12</u>: Procédures d'octroi des visas et autres aspects y relatifs**

L'octroi et la prorogation de visa sont effectués à

Bukuru, ku biro bihagarariye u Rwanda mu mahanga, ku murongo wa interineti cyangwa ahandi hantu hagenwa n'Ubuyobozi Bukuru.

Abaturage b'ibihugu bigize Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba bahabwa uruhushya rwo gusura rwemerera uruhawe kwinjira no kuba mu Rwanda mu gihe cy'amezi atandatu (6) ashobora kongerwa hatanzwe impamvu zumvikana.

Uwahawe viza ntiyemererwa gukora akazi.

Viza ishobora kuba iyo kwinjira no gusohoka rimwe cyangwa kenshi kandi ikagira n'ikiguzi cyayo.

**<u>Ingingo ya 13:</u> Amasezerano yo gusonerana ikiguzi kuri visa/impushya zo kuba mu Rwanda**

Leta y'u Rwanda ishobora kugirana amasezerano n'igihugu kimwe cyangwa byinshi yo gukuraho cyangwa kutishyuza viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda.
Uku gusonerwa byemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.

**<u>Ingingo ya 14:</u> Gukora k'ugize umuryango w'umudipolomate**

Ugize umuryango w'umudipolomate ashobora kwemererwa gukorera mu Rwanda mu gihe abisabye Umuyobozi Mukuru. Mu gihe akora agengwa n'amategeko agenga umurimo mu Rwanda.

the Directorate General, Rwandan Foreign Missions, online or any other place as may be determined by the Director General.

Citizens of East African Community Partrner States shall be issued with a visitor's pass that shall entitle the holder to enter and stay in Rwanda for the period of up to six (6) months renewable upon justification.

The holder of a visa or visitor's pass shall not be permitted to work.

A visa may have single or multiple entries each with a corresponding fee.

**<u>Article 13:</u> Residence permits/Visa fee waiver regime**

Rwanda may enter into visa/residence permit waiver regime between one or more states.

This waiver shall be approved by the cabinet.

**<u>Article 14:</u> Working of a family member of a diplomat**

A family member of a holder of diplomat permit may be allowed to work in Rwanda if he/she applies to the Director General. He/she shall be bound by the existing labour laws.

la Direction Générale, auprès des missions diplomatiques du Rwanda, par voie d'internet ou à tout autre endroit déterminé par le Directeur Général.

Les ressortissants des pays membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est obtiennent une autorisation de visite et de séjour de six (6) mois renouvelable sur presentation des justifications.

Le détenteur du visa n'est pas autorisé de travailler.

Le visa peut donner droit à une entrée unique ou des entrées multiples et les frais sont respectivement différents.

**<u>Article 13</u> : Accord d'exemption de frais de visa ou de permis de séjour**

Le Rwanda peut signer des accords d'exonération de frais de visa ou de permis de séjour avec un ou plusieurs pays.

Cette exonération est enterinée par le Conseil des Ministre.

**<u>Article 14 :</u> Droit de travail pour un membre de la famille d'un diplomate**

Un membre de la famille d'un diplomate peut être autorisé de travailler au Rwanda s'il en fait une demande auprès du Directeur Général. Il doit se conformer à la législation en vigueur régissant le travail au Rwanda.

**<u>Icyiciro cya 3:</u> Kwamburwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba Rwanda**

**<u>Ingingo ya 15:</u> Kwamburwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda**

Bitabangamiye andi mategeko bireba, viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda bishobora kwamburwa ubifite kubera impamvu zikurikira:

1° ubifite yabibonye mu buryo bw'uburiganya;

2° ubifite akora ibikorwa bitandukanye n'ibyo yaherewe viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe;

3° umukoresha cyangwa umukozi atacyujuje ibyangombwa byatumye ahabwa urwo ruhushya;

4° ubifite abangamiye umutekano w'igihugu, umudendezo rusange cyangwa yarahamwe n'icyaha cyatuma yamburwa visa cyangwa uruhushya rwe rwo kuba mu Rwanda;

5° ufite urwo ruhushya yirukanywe mu gihugu.

Iyo umunyamahanga yambuwe uruhushya rwo kuba mu Rwanda n'abo atunze nabo bararwamburwa.

**<u>Section 3:</u> Cancellation of visa or residence permit**

**<u>Article 15:</u> Cancellation of a visa or residence permit**

Without prejudice to other relevant laws, a visa or a residence permit may be cancelled due to one of the following circumstances:

1° the holder obtained it fraudulently;

2° the holder engages in activities contrary to the purpose of his/her visa or temporary residence permit;

3° the employer or employee no longer fulfills the conditions required to hold such a permit;

4° the holder is a threat to the National Security, Public order or has been convicted of any offence that requires cancellation of permit or visa.

5° the holder is deported from Rwanda.

Cancellation of a residence permit leads to cancellation of the same permit held by his/her dependants.

**<u>Section 3:</u> Annulation de visa ou de permis de séjour**

**<u>Article 15</u>: Annulation de visa ou de permis de séjour**

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, un visa ou un permis de séjour peuvent être annulés pour des raisons suivantes:

1° son détenteur les a obtenu frauduleusement ;

2° son détenteur s'engage dans des activités contraires à celle qui ont occassionné l'octroi du visa ou de permis de séjour temporaire;

3° l'employeur ou l'employé ne remplit plus les conditions requises pour obtention du permis de séjour;

4° son détenteur compromet la sécurité nationale, est en violation des lois en vigueur ou a été condanné pour une peine qui nécessite l'annulation du visa ou du permis de séjour;

5° son détenteur est expulsé du Rwanda.

L'annulation du permis de séjour entraîne celle des permis de séjour des personnes qui sont à sa charge.

**<u>Ingingo ya 16:</u> Kwamburwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe**

Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe rushobora kwamburwa uwaruhawe kubera impamvu zikurikira:

1° uwaruhawe yahamwe na kimwe mu byaha bikomeye nk'uko biteganywa n'amategeko ahana;

2° kuba uwaruhawe yaramaze nibura imyaka irenga itatu (3) ikurikirana hanze y'u Rwanda cyeretse iyo:

- yabaga hanze ari mu kazi ka Leta;
- yabaga mu mahanga ahagarariye cyangwa akorera umuntu cyangwa ihuriro ry'abantu batuye mu Rwanda;
- yabaga hanze ari mu kazi k'umuryango mpuzamahanga u Rwanda rurimo;
- ari utunzwe n'umuntu wavuzwe haruguru.

Umuyobozi Mukuru ashobora, kongera igihe cy'uruhushya k'umuntu uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo iyo atanze impamvu igaragara kandi abanje kubisaba.

**<u>Article 16:</u> Cancellation of a permanent residence permit**

A permanent residence permit may be cancelled due to the following circumstances:

1° the holder has been convicted of any serious crime as stipulated by the penal code;

2° the holder has been absent from Rwanda for more than three years consecutively except where he/she:

- was residing abroad while in the service of the state.
- was residing abroad while representing or working for a person or an association established in Rwanda.
- was residing abroad while in the service of an international organization of which Rwanda is a member.
- was a dependant of a person referred to above.

Upon showing good cause and upon application, the Director General may extend the period mentioned in paragraph 2 of this Article.

**<u>Article 16</u> : Annulation de permis de séjour permanente**

Un permis de séjour permanent peut être annulé dans les circonstances suivantes:

1° son détenteur a été condanné pour crime grave prévu par le Code Pénal ;

2° son détenteur a été absent du Rwanda pendant au moins plus de trois (3) années consécutives à moins que :

- il ait résidé à l'étranger au service de l'Etat rwandais ;
- il ait résidé à l'étranger au service d'une personne ou d'une association de personne résidant ou établies au Rwanda
- il ait résidé à l'étranger au service d'une organisation internationale dont le Rwanda est membre ;
- il soit à charge des personnes ci-haut citées.

Le Directeur Général peut proroger la durée du permis de la personne stipulée dans l'alinéa 2 du présent article, sur présentation d'un motif acceptable et d'une demande faite au préalable.

**UMUTWE WA III : AMABWIRIZA Y'ITANGWA RY'INYANDIKO NYARWANDA Z'INZIRA**

**Icyiciro cya mbere: Inyandiko z'inzira n'amabwiriza yazo yihariye**

**Ingingo ya 17: Pasiporo isanzwe**

Pasiporo isanzwe ihabwa buri munyarwanda wese wujuje ibisabwa ikamufasha kujya mu ngendo hanze y'igihugu.

Pasiporo isanzwe imara imyaka itanu (5).

Ku muntu utuye mu Rwanda idosiye isaba ishyikirizwa Ubuyobozi Bukuru cyangwa ibiro byabwo biri mu Karere usaba atuyemo.

Ku muntu utuye hanze y'u Rwanda, isaba rye rishyikirizwa ibiro bihagarariye u Rwanda bifite ububasha mu gihugu usaba atuyemo.

Umunyarwanda utuye mu mahanga mu gihugu u Rwanda rudahagarariwemo, isaba rye rishyikirizwa Ubuyobozi Bukuru.

**Ingingo ya 18: Pasiporo y'abanyacyubahiro**

Iyi pasiporo ihabwa abanyacyubahiro bari mu gihugu cyangwa abahagarariye u Rwanda mu mahanga n'abandi nk'uko biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihugu.

**CHAPTER III : RWANDAN TRAVEL DOCUMENTS ISSUANCE REGULATIONS**

**Section One: Travel documents and respective regulations**

**Article 17: Ordinary Passport**

An Ordinary Passport shall be issued to any Rwandan who fulfills the necessary requirements to facilitate his/her travels outside the country.

Ordinary passport shall be valid for five (5) years.

For a person residing in Rwanda, the application shall be submitted to the Directorate General or to its office in the District where the applicant resides.

For a person residing abroad, the application shall be submitted to the Rwandan Diplomatic Mission with jurisdictions on his /her country of residence.

For a Rwandan residing abroad where there is no Rwandan diplomatic mission, the application shall be submitted to the Directorate General.

**Article 18: Diplomatic Passport**

This passport shall be issued to high ranking officials in the country or those representing Rwanda abroad and others as may be specified by the legislation in force.

**CHAPITRE III : REGLEMENTATION D'EMISSION DE DOCUMENTS RWANDAIS DE VOYAGE**

**Section première: Documents de voyage et leur reglèmentation respective**

**Article 17: Passeport ordinaire**

Le passeport ordinaire est délivré à tout citoyen rwandais remplissant les conditions exigées en vue de voyager à l'étranger.

Le passeport ordinaire a une validité de cinq (5) ans.

Pour une personne résidant au Rwanda, la demande est introduite auprès de la Direction Générale ou au bureau d'immigration se trouvant dans le District de résidence du demandeur.

Pour une personne résidant à l'étranger, la demande est introduite auprès de la Mission Diplomatique du Rwanda dans son pays de résidence.

Pour un Rwandais résidant à l'étranger où il n'y a pas de mission diplomatique du Rwanda, la demande est adressée à la Direction Générale.

**Article 18: Passeport diplomatique**

Le passeport diplomatique est délivré aux hautes autorités du pays, à des diplomates rwandais et d'autres personnalités tel que déterminées par la législation en vigueur.

Pasiporo y'abanyacyubahiro imara imyaka itanu (5).

Dosiye isaba ishyikirizwa Ubuyobozi Bukuru cyangwa ikanyuzwa ku biro by'uhagarariye u Rwanda mu mahanga.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Pasiporo y'akazi**

Pasiporo y'akazi ihabwa abanyarwanda n'abanyamahanga bagiye hanze y'u Rwanda mu butumwa bw'igihugu cyangwa abakozi b'abanyarwanda batari abadipolomate bakora muri ambassade z'u Rwanda. Ishobora kandi no guhabwa undi muntu ugiye mu mirimo igihugu cyaba gifitemo inyungu.

Pasiporo y'akazi imara imyaka itanu (5).

Pasiporo y'akazi isabirwa ku Buyobozi Bukuru.

Ufite pasiporo y'akazi ayisigira ofisiye wa imigarasiyo ku mupaka yinjiriyeho mu gihe agarutse mu Rwanda.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Laissez-passer**

Laissez passer ihabwa umunyarwanda ushaka kujya mu bihugu bikurikira:

1° Repubulika y'u Burundi;
2° Repubulika iharanira Demokarasi ya

A diplomatic passport shall have the validity of five (5) years.

The application of a diplomatic Passport shall be submitted to the Directorate General either directly or through Rwandan Diplomatic Mission.

**<u>Article 19:</u> Service passport**

A service passport shall be issued to both nationals and non-nationals who are traveling abroad on national duty or Rwandans working as local staff in Diplomatic Missions. It may also be issued to any other person traveling for an activity of national interest.

Service passport shall have validity of five (5) years.

The application for a service passport shall be submitted to the Directorate General.

The holder of Service Passport shall submit it to an Immigration Officer at an entry point on his/her return to Rwanda.

**<u>Article 20</u>: Laissez -passer**

Laissez-passer shall be issued to a Rwandan who intends to travel within the following countries:

1° Republic of Burundi ;
2° Democratic Republic of Congo ;

Le passeport diplomatique a une validité de cinq (5) ans.

La demande d'un passeport diplomatique est adressée soit directement à la Direction Générale ou à l'intermédiare de la mission diplomatique du Rwanda à l'étranger.

**<u>Article 19</u>: Passeport de Service**

Un passeport de service est délivré tant aux nationaux qu'aux non nationaux voyageant pour des raisons de service officiel ou au Rwandais travaillant dans des missions diplomatiques sans qualité de diplomate. Il peut être aussi délivré à toute autre personne en voyage pour une activité d'intérêt national.

Le passeport de service est valide pour une période de cinq (5) ans.

La demande d'un passeport de service est introduite auprès de la Direction Générale.

A son retour au Rwanda, le détenteur d'un passeport de service le remet à l'officier d'immigration se trouvant au poste-frontière d'entrée.

**<u>Article 20</u>: Laissez-passer**

Le laissez-passer est délivré à un Rwandais qui veut voyager dans les pays suivants:

1° la République du Burundi ;
2° la République Démocratique du Congo ;

Kongo;
3° Repubulika ya Kenya;
4° Repubulika yunze ubumwe ya Tanzania;
5° Repubulika ya Uganda.

Laissez-passer itangirwa ku Buyobozi Bukuru, ku biro byabwo biri mu Karere usaba atuyemo, cyangwa se ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru.

**Ingingo ya 21: Laissez-passer rusange**

Laissez-passer rusange ihabwa abanyarwanda bagendeye hamwe batarenga umubare w'abantu icumi (10) bajya mu Burundi, Kenya, Repubulika yunze ubumwe ya Tanzania, Uganda na Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo.

Laissez-passer rusange igenderwaho rimwe kandi itangirwa ku Buyobozi Bukuru, cyangwa ibiro byabwo biri mu Karere usaba atuyemo cyangwa ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru.

**Ingingo ya 22: Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka**

Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka ruhabwa umunyarwanda ushaka kugenda mu gihe hari impamvu zituma atabona izindi nyandiko z'inzira.

3° Republic of Kenya ;
4° United Republic of Tanzania ;
5° Republic of Uganda.

A laissez-passer shall be issued at the Directorate General, its office in the District where the applicant resides or any other place as may be determined by the Director General.

**Article 21: Collective laissez-passer**

Collective laissez-passer is issued to Rwandan nationals traveling as a group of not more than ten (10) people to the countries of Burundi, Kenya, United Republic of Tanzania, Uganda and The Democratic Republic of Congo or any other country as may be determined by the relevant ministerial order.

Collective laissez-passer is for a single journey travel. It shall be issued at the Directorate General, its District office where the applicant resides or any other place as may be determined by the Director General.

**Article 22: Emergency travel document**

Emergency travel document is issued to a Rwandan national intending to travel and has genuine constraints for obtaining other Rwandan travel documents.

3° la République du Kenya ;
4° la République Unie de Tanzanie ;
5° la République de l'Ouganda.

Le laissez-passer est délivré à la Direction Générale, aux bureaux d'Immigration dans le District de résidence du demandeur, à la frontière ou à tout autre endroit désigné par le Directeur Général.

**Article 21: Laissez-passer collectif**

Le laissez-passer collectif est un document de voyage délivré aux citoyens rwandais voyageant en équipe de dix (10) personnes au plus dans les pays du Burundi, du Kenya, de la République Unie de Tanzanie, de l'Ouganda et de la République Démocratique du Congo.

Le laissez-passer collectif est valable pour un seul voyage. Il est délivré à la Direction Générale, au bureau du District de résidence du demandeur ou à tout autre endroit tel que prévu par le Directeur Général.

**Article 22: Document de voyage d'urgence**

Le document de voyage d'urgence est délivré à un citoyen rwandais obligé de voyager de toute urgence et étant dans l'impossibilité d'obtenir d'autres documents de voyage rwandais.

Rushobora kandi no guhabwa umunyamahanga wataye urwandiko rw'inzira ari mu gihugu cyangwa wavukiye mu Rwanda ariko akaba adashobora kubona urwandiko rw'inzira rutanzwe n'igihugu cye.

Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka rugenderwaho inshuro imwe kandi rutangirwa ku Buyobozi Bukuru cyangwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu gihugu usaba arimo.

**Ingingo ya 23: « ASC/CEPGL : Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs»**

« L'Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des GrandsLacs» ruhabwa abanyarwanda cyangwa abanyamahanga bafite uruhushya rwo kuba mu Rwanda.
« L'Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs» rufasha urufite kujya mu bihugu bigize umuryango wa CEPGL.

Inyandiko isaba uru rwandiko rw'inzira ishyikirizwa Ubuyobozi Bukuru, cyangwa ibiro byabwo biri mu Karere usaba atuyemo cyangwa se ahandi hagenwa n'Umuyobozi Mukuru.

Igihe uru rwandiko rw'inzira rumara bikurikiza amasezerano hagati y'ibihugu bigize umuryango wa CEPGL.

It may also be issued to a foreigner who has lost his/her travel document while in the country or was born in Rwanda and could not obtain his/her country's travel document.

Emergency travel document is a single journey travel document and shall be issued at the Directorate General or at the Rwandan Diplomatic Mission where the applicant resides.

**Article 23: «ASC/CEPGL : Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs»**

"L'Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs" shall be issued to a Rwandan or to a foreigner in possession of Rwandan residence permit.
« L'Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs» allows the holder to travel to CEPGL member States.

The application shall be submitted to the Directorate General, its District office where the applicant resides or any other place as may be determined by the Director General.

The validity of this travel document shall be in accordance with the agreement between CEPGL member states.

Le même document de voyage peut être délivré à un étranger ayant perdu son document de voyage pendant qu'il se trouve au Rwanda ou qui est né au Rwanda mais ne pourrait pas obtenir le document de voyage de son pays.

Le document de voyage d'urgence est valable pour un seul voyage. Il est délivré au siège de la Direction Générale ou au bureau de la Mission Diplomatique dans le pays de résidence du demandeur.

**Article 23: ASC/CEPGL : Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs**

L'Autorisation Spéciale de Circulation dans la Communauté Economique des Pays des Grands Lacs est délivrée aux citoyens rwandais ou aux étrangers possédant un permis de séjour rwandais.

L'Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs permet au denteteur de voyager dans les pays membres de la CEPGL.

La demande est adressée à la Direction Générale, au bureau du District de résidence du demandeur ou à tout autre endroit désigné par le Directeur Général.

La validité de ce document de voyage est en conformité avec l'accord conclu entre les pays membres de la CEPGL.

**<u>Ingingo ya 24:</u> Urwandiko rw’inzira rw’impunzi**

Urwandiko rw’inzira rw’impunzi ni urwandiko rw’inzira ruhabwa impunzi yahawe ubuhungiro mu Rwanda.

Uru rwandiko rw’inzira rusabirwa ku Buyobozi Bukuru cyangwa ahandi hagenwa n’Umuyobozi Mukuru.
Urwandiko rw’inzira rw’impunzi rutangwa ku bufatanye n’ishami ry’umuryango w’abibumbye ryita ku mpunzi.

Impunzi ihawe uru rwandiko yemerewe kujya mu bihugu byose kw’isi cyeretse igihugu cye yahunze.

**<u>Ingingo ya 25:</u> Urwandiko rw’inzira rw’abaturiye imbibi**

Urwandiko rw’inzira rw’abaturiye imbibi ruhabwa abanyarwanda baturiye imbibi z’u Rwanda zikabafasha kujya mu bihugu bihana imbibi n’u Rwanda.

Uru rwandiko rw’inzira rusabirwa kandi rugatangirwa ku mupaka urusaba aturiye. Imikoreshereze y’uru rwandiko rw’inzira iteganywa n’amasezerano u Rwanda rugirana n’igihugu bihana imbibi.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Amabwiriza rusange y’inyandiko z’inzira**

**<u>Article 24:</u> Refugee Travel Document**

A refugee travel document is a travel document given to a person who holds a refugee status in Rwanda.

This travel document shall be applied for at the Directorate General or any other place as may be determined by the Director General.
Refugee travel document shall be issued in collaboration with the United Nations High Commissioner for Refugees.

A refugee in possession of a refugee travel document shall be allowed to travel in all countries except his/her country of nationality.

**<u>Article 25:</u> Border pass**

Border pass is a travel document issued to a Rwandan who resides along the border area, to facilitate his/her travel to the neighbouring country.

This travel document shall be applied for and issued at the relevant border post. The use of this travel document shall be in accordance with the agreement between Rwanda and a neighboring country.

**<u>Section 2:</u> General regulations of travel documents**

**<u>Article 24:</u> Titre de voyage pour réfugié**

Le titre de voyage pour réfugié est un document de voyage pour réfugié délivré à un étranger ayant obtenu le statut de réfugié au Rwanda.

La demande de ce titre de voyage est faite à la Direction Générale ou à tout autre endroit désigné par le Directeur Général.
Le titre de voyage pour réfugié est délivré en collaboration avec le Haut Commissariat des Nations Unies pour les Réfugiés.

Un réfugié en possession d’un titre de voyage pour réfugié est autorisé de se rendre dans tous les pays excepté celui de sa nationalité.

**<u>Article 25:</u> Document pour transfrontaliers**

Le document pour transfrontaliers est délivré à un Rwandais résidant dans une zone frontalière afin de lui faciliter son voyage vers le pays voisin.

La demande de ce document de voyage est introduite au poste-frontière de son ressort et y est délivré. Son usage est fait conformément aux termes de l’accord entre le Rwanda et le pays voisin.

**<u>Section 2 :</u> Réglementations générales de documents de voyage**

**Ingingo ya 26: Igihe dosiye isaba urwandiko rw'inzira imara**

Dosiye isaba urwandiko rw'inzira ita agaciro nyuma y'imyaka ibiri (2) uhereye igihe isaba ryakorewe. Nyuma yaho, uwasabye urwandiko rw'inzira agomba kongera gusaba mu gihe agikeneye urwandiko rw'inzira.

**Ingingo ya 27: Gutunga pasiporo irenze imwe**

Umuntu ashobora gutunga pasiporo nyarwanda irenze imwe (1) yo mu cyiciro kimwe cyangwa gitandukanye mu gihe byemejwe n'Umuyobozi Mukuru.

**UMUTWE WA IV: INSHINGANO**

**Ingingo ya 28: Inshingano za Ofisiye wa Imigarasiyo**

Ofisiye wa Imigarasiyo afite inshingano zikurikira:

1° gutanga serivisi nziza no kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu;

2° kugenzura kwinjira, kuguma no gusohoka kw'abantu mu gihugu hakurikijwe amategeko;

3° gutanga inyandiko nk'uko ziteganywa n'iri teka;

4° gukurikirana no gushyira mu bikorwa ibikorwa bibera ku mupaka cyangwa

**Article 26: Validity of travel document application file**

Application file of any travel document shall have validity of two (2) years from the date the application was made. After this period, if the applicant still needs the travel document he/she shall lodge another application.

**Article 27: Holding more than one passport**

A person may acquire more than one (1) Rwandan passport of the same or different category upon authorization by the Director General.

**CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES AND OBLIGATIONS**

**Article 28: Responsibilities of an Immigration officer**

An Immigration Officer shall have the following responsibilities:

1° to offer quality service and play a vital role in the development of the country;

2° to control and manage entry, stay and exit of persons as authorized by the law;

3° to issue documents as provided by this Order;

4° to monitor and enforce activities and regulations relating to this Order and the

**Article 26 : Validité d'un dossier de demande de document de voyage**

Le dossier de demande du document de voyage cesse d'avoir effet après deux (2) ans à partir de la date où la demande a été faite. Après cette période, le demandeur est obligé d'introduire un autre dossier de demande.

**Article 27 : Possession de plus d'un passeport**

Une personne peut acquérir plus d'un (1) passeport rwandais de la même ou différente catégorie après l'autorisation du Directeur Général.

**CHAPITRE IV: ATTRIBUTIONS ET OBLIGATIONS**

**Article 28: Attributions d'un Officier d'Immigration**

L'Officier d'Immigration a les attributions suivantes:

1° offrir un service de qualité et contribuer au développement national;

2° contrôler/gérer l'entrée, le séjour et la sortie de personnes conformément à la loi;

3° délivrer les documents tels que prévu par le présent arrêté;

4° suivre de près et renforcer les activités en rapport avec le présent arreté et loi qui se

ahandi hakorerwa bijyanye n'iri teka n'itegeko;

5° gukorana n'izindi nzego mu kurwanya ruswa, magendu, iterabwoba, icuruzwa ry'abantu n'ibindi bikorwa binyuranyije n'amategeko

6° izindi nshingano yahabwa n'Ubuyobozi Bukuru.

**<u>Ingingo ya 29:</u> Inshingano z'umukoresha ku mukozi w'umunyamahanga**

Inshingano z'ingenzi z'umukoresha ku mukozi w'umunyamahanga ni izi zikurikira :

1° kubika buri gihe inyandiko igaragaza imyishyurirwe y'umukozi buri kwezi kandi akabigaragariza ofisiye wa imigarasiyo mu gihe abisabwe;

2° kumenyesha Ubuyobozi Bukuru, mu nyandiko igihe amasezerano y'umukozi ahagaritswe cyangwa arangiye;

3° umukoresha akoresha umukozi w'umunyamahanga hakurikijwe amategeko bireba agenga umurimo mu Rwanda;

4° gukoresha umukozi w'umunyamahanga umurimo ujyanye n'uruhushya yahawe;

5° kumenyesha Ubuyobozi Bukuru urupfu

law at a border post or any other place of work;

5° to collaborate with other agencies in the fight against corruption, smuggling of goods, terrorism, human trafficking and other illegal activities;

6° to perform other duties as may be assigned by the Director General.

**<u>Article 29:</u> Obligations of an Employer towards a Foreign Employee**

Obligations of an Employer towards a Foreign Employee are notably the following:

1° to maintain a renumeration record and produce the record to immigration officer upon request;

2° to inform the Directorate General in writing if the employee's contract is terminated or comes to an end;

3° the employer shall employ a foreigner in accordance with relevant laws regulating labour in Rwanda;

4° to employ a foreign worker in an occupation corresponding to his/her permit;

5° to inform the Directorate General within

déroulent aux postes-frontières ou tout autre lieu de travail;

5° collaborer avec les autres services pour lutter contre la corruption, la fraude, le terrorisme, le traffic de personnes et autres activités illégales;

6° exécuter toute autre tâche que la Direction Générale pourrait lui assigner.

**<u>Article 29</u> : Obligations d'un employeur à l'égard d'un travailleur étranger**

Les principales obligations d'un employeur à l'égard d'un travailleur étranger sont notamment :

1° maintenir régulièrement les bulletins de paie mensuels de l'employé qu'il présente, sur demande, à l'Officier d'Immigration ;

2° informer la Direction Générale, par écrit de la résiliation ou de la fin du contrat de l'employé;

3° l'employeur emploie un étranger conformément aux dispositions en vigueur portant réglementation du travail au Rwanda ;

4° employer l'étranger uniquement dans les activités correspondant au permis accordé;

5° en cas de décès d'un employé étranger,

rw'umunyamahanga akoresha mu gihe kitarenga iminsi icumi (10) uhereye igihe abimenyeye;

6° gutanga amakuru akenewe ku mukozi w'umunyamahanga akoresha mu gihe abisabwe na ofisiye wa imigarasiyo.

**<u>UMUTWE WA V</u>: KWINJIRA NO GUSOHOKA**

**<u>Ingingo ya 30</u>: Ibisabwa rusange mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda**

Bitabangamiye ibisabwa mu kwinjira no gusohoka nk'uko biteganywa n'itegeko ry'abinjira n'abasohoka mu Rwanda, umuntu wese winjira cyangwa usohoka mu Rwanda agomba:

1° kunyura ku mupaka wemewe n'amategeko;

2° kuba afite urupapuro rw'inzira rufite agaciro, viza, uruhushya rwo kuba mu Rwanda cyangwa urundi rwandiko rwemewe mu Rwanda;

3° Kuzuza no gusinya urupapuro rwagenewe kwinjira no gusohoka aho bisabwa ;

4° gusubiza ibibazo byerekeranye n'umwirondoro cyangwa ingendo ze ashobora kubazwa na ofisiye wa imigarasiyo;

ten (10) days of foreigner worker's death;

6° to provide necessary information regarding his/her foreign worker as and when requested by an Immigration officer.

**<u>CHAPTER V</u>: ENTRY AND EXIT**

**<u>Article 30</u>: General Conditions of entry into and exit from Rwanda**

Without prejudice to conditions of entry as provided for by the law on immigration and emigration in Rwanda, any person entering into or exiting from Rwanda shall:

1° pass through the legally established border post;

2° Possess a valid travel document, visa, Residence permit, or any other document recognized in Rwanda;

3° Make and sign such a declaration for entry and exit where applicable;

4° Respond to question to his/her identity or travel as may be put to him/her by the Immigration Officer;

l'employeur informe la Direction Générale du décès de l'employé étranger dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours à partir de la connaissance du décès;

6° l'employeur fournit les informations nécessaires sur son employé étranger toutes les fois que l'Officier d'Immigration le requiert.

**<u>CHAPITRE V</u>: ENTREE ET SORTIE**

**<u>Article 30</u> : Conditions générales d'entrée et de sortie du Rwanda**

Sans préjudice des conditions d'entrée et de sortie prévues par la loi sur l'immigaration et émigration au Rwanda, toute personne entrant ou sortant du Rwanda doit :

1° passer par un poste d'entrée reconnu par la loi;

2° détenir un document de voyage valide, visa, permis de séjour ou tout autre document reconnu par le Rwanda;

3° établir et signer une déclaration à l'entrée comme à la sortie s'il en est requis;

4° répondre à toute question en rapport avec son identité ou son voyage si l'Officier d'Immigration le requiert;

5° kugaragaza icyemezo cy'ikingirwa cyemewe ku rwego mpuzamahanga mu gihe yinjira nk'uko bishobora gusabwa n'urwego rubifitiye ububasha;

6° kubahiriza ibindi byose byaba biteganywa n'amategeko bishobora gusabwa n'umuyobozi ubifitiye uburenganzira.

Bitabangamiye izindi ngingo zaba ziteganywa, ingendo z'abantu mu migi ibiri ihana imbibi iri ku mupaka umwe zishobora kugengwa n'amabwiriza yihariye ashyirwaho n'Umuyobozi Mukuru.

Hatitawe ku biteganywa n'iyi ngingo, umuntu utemewe mu gihugu cyangwa utifuzwa nk'uko biteganywa n'amategeko ntiyemererwa kwinjira mu Rwanda.

**Ingingo ya 31: Kwinjira no gusohoka k'umwana**

Umwana utarageza ku myaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko ushaka kwinjira cyangwa gusohoka mu Rwanda, agomba kuzuza ibi bikurikira:

1° kuba nibura ari kumwe n'umwe mu babyeyi be, cyangwa undi wabiherewe ububasha n'ababyeyi be cyangwa umureberera;

2° icyemeza ko nibura umwe mu babyeyi be cyangwa umureberera yemeye kumuha uburenganzira bwo kugenda, iyo umwana ari wenyine.

5° Produce any international recognized vaccination certificate as may be required by the relevant authority on entry;

6° Comply with any other regulation as may be determined by the relevant authority.

Without prejudice to relevant regulations; movement of persons in two adjacent cities/towns along a common border may be regulated under instructions prescribed by the Director General.

Not withstanding the provisions of this Article, a prohibited immigrant or undesirable person as prescribed by the law shall be denied entry into Rwanda.

**Article 31: Entry and Exit of a child**

A child under sixteen (16) years of age intending to enter in or exit from Rwanda shall be required to fulfill the following:

1° to be accompanied by one of the parents or another person authorized by the child's parent or guardian;

2° a proof of consent from one of the parents or guardian authorizing him/her to travel in case the child is not accompanied.

5° présenter le certificat de vaccination international reconnu à l'entrée si l'autorité compétente le requiert;

6° respecter tout autre règlement si l'autorité compétente le requiert.

Sans préjudice des dispositions en vigueur, les mouvements des personnes dans deux villes frontalières peuvent être régis par des instructions determinées par le Directeur Général.

Nonobstant les dispositions du présent article, un immigrant interdit ou une personne indésirable tel que prévu par la loi, n'est par autorisée d'entrer au Rwanda.

**Article 31: Entrée et sortie d'un enfant**

Un enfant de moins de seize (16) ans entrant ou sortant du Rwanda doit remplir les conditions suivantes :

1° être accompagné par un des parents ou par toute autre personne autorisée par le parent ou le tuteur de l'enfant;

2° une preuve au moins d'un de ses parents ou son tuteur l'autorisant à voyager si l'enfant n'est pas accompagné.

Ikompanyi imutwara igomba kwemera inshingano yo gutwara uwo mwana.

**Ingingo ya 32: Kwinjizwa no gusohorwa by'umurambo**

Mbere yo kwinjizwa cyangwa gusohorwa by'umurambo, uwuherekeje yereka umukozi wo mu biro by'abinjira n'abasohoka icyemezo kigaragaza ko umuntu yapfuye.

Umukozi wo mu biro by'abinjira n'abasohoka wo ku mupaka ashobora kugenzura umurambo mbere y'uko winjizwa cyangwa usohorwa.

**Ingingo ya 33: Amasaha y'akazi ku mipaka**

Umupaka ufungurwa amasaha makumyabiri n'ane (24) ku munsi keretse bigenwe ukundi n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA VI: IBIHANO BITANGWA N'UBUYOBOZI**

**Icyiciro cya mbere: Ibihano bitangwa n'Ubuyobozi Bukuru**

**Ingingo ya 34: Igihano gihabwa abatinda gusaba cyangwa kongeresha viza/uruhushya rwo kuba mu Rwanda**

Umunyamahanga ukererewe gusaba cyangwa kongeresha viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda aba akoze ikosa ubuyobozi buhanisha ibi bikurikira:

The transport company shall assume the responsibility for the child's travel.

**Article 32: Entry and Exit of a dead person**

An individual accompanying a dead person shall be required to present to an immigration officer a death certificate before its entry or exit.

The Immigration Officer at a border post may inspect the dead person before its entry or exit.

**Article 33: Working hours at the border post**

A border post shall be open twenty-four (24) hours unless stated otherwise by the competent authority.

**CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE SANCTIONS**

**Section One: Administrative sanctions by the Directorate General**

**Article 34: Penality for the delay of visa/residence permit application or renewal**

A foreigner, who delays to submit an application or extension of his/her Visa/Residence permit, shall commit a fault and shall be liable to an administrative penality as stated below:

La compagnie de transport doit accepter sa responsabilité pour le voyage de l'enfant.

**Article 32: Entrée et sortie d'une dépouille mortelle**

Avant l'entrée et la sortie d'une dépouille mortelle la personne l'accompagnant doit présenter un certificat de décès du défunt à l'Officier de l'Immigration.

L'Officier de l'Immigration au poste frontalier peut inspecter la dépouille mortelle avant son entrée ou sa sortie.

**Article 33: Heures de service au poste frontalier**

Le poste frontalier est ouvert vingt quatre (24) heures sur vingt quatre (24), sauf en cas de stipulation contraire par l'autorité compétente.

**CHAPITRE VI: SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Section premiere: Sanctions administratives imposées par la Direction Générale**

**Article 34: Pénalité pour le retard de demande ou de renouvellement de visa/permis de séjour**

Tout étranger qui tarde d'introduire sa demande d'octroi ou de prorogation de son visa/permis de séjour, commet une faute et est passible d'une pénalité administrative tel que prévu ci-après:

1° Ubukererwe buva ku minsi itandatu (6) kugeza ku minsi cumi n'itanu (15) buhanishwa amafaranga y' u Rwanda ibihumbi makumyabiri (20.000 Frw);

2° Ubukererwe buva ku minsi cumi n'itandatu (16) kugeza kuri mirongo itatu (30) buhanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw);

3° Ubukererwe kuva ku minsi mirongo itatu n'umwe (31) kugeza ku mezi atatu (3) buhanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw);

4° Ubukererwe buri hejuru y'amezi atatu (3) kugeza ku mezi atandatu (6) buhanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 Frw);

5° Ubukererwe buri hejuru y'amezi atandatu (6) kugeza ku icyenda (9) buhanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 Frw);

6° Ubukererwe buri hejuru y'amezi icyenda (9) buhanishwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 Frw).

Uwakoze ikosa ashobora no kwirukanwa mu Rwanda.

Umunyamahanga wongeye kugwa mu makosa avugwa muri iyi ngingo ashobora kugirwa utifuzwa mu gihugu.

1° Overstay from six (6) days to fifteen (15) days shall be liable to the penality of twenty thousands Rwandan francs (20.000 Rwf);

2° Overstay from sixteen (16) days to thirty (30) days shall be liable to the penality of fifty thousands Rwandan francs (50.000 Rwf);

3° Overstay from thirty one (31) days to three (3) months shall be liable to the penality of one hundred thousand Rwandan francs (100.000 Rwf);

4° Overstay above three (3) months to six (6) months shall be liable to the penality of two hundred thousand Rwandan francs (200.000 Rwf);

5° Overstay above six (6) months to nine (9) months shall be liable to the penality of three hundred thousand Rwandan francs (300.000 Rwf);

6° Overstay from nine (9) months and above shall be liable to the penality of five hundred thousand (500.000 Rwf).

The defaulter may also be expelled from Rwanda.

Any foreigner who re-commits one of the faults as mentioned in this Article may be declared undesirable person.

1° un retard de six (6) jours à quinze (15) jours est passible d'une pénalité de vingt mille francs rwandais (20.000 Frw);

2° un retard de seize (16) jours à trois (3) mois est passible d'une pénalité de cinquante mille francs rwandais (50.000 Frw);

3° un retard de trente et un (31) jours à trois (3) mois est passible d'une pénalité de cent mille francs rwandais (100.000 Frw);

4° un retard de plus de trois (3) mois et six (6) mois est passible d'une pénalité de deux cent mille francs rwandais (200.000 Frw);

5° un retard de six (6) à neuf (9) mois est passible d'une pénalité de trois cent mille francs rwandais (300.000 Frw);

6° un retard de plus de neuf (9) mois est passible d'une pénalité de cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw).

La personne fautive peut être expulsée du Rwanda.

Tout étranger récidiviste d'une des fautes mentionnées au présent article peut être déclarée personne indésirable;

Umunyamahanga ukererewe kuva ku munsi umwe (1) kugera ku minsi itanu (5) yihanangirizwa mu magambo.

**Ingingo ya 35: Igihano bihabwa ikompanyi itwara abantu mu kirere**

Ikompanyi y'indege yo gutwara abantu itujuje ibi bikurikira izaba ikoze ikosa rihanishwa gucibwa ihazabu ku buryo bukurikira:

1° kudasubiranayo umugenzi yazanye nk'uko biba byategetswe bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atandatu (600.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo kuri buri mugenzi n'ikiguzi cyo kumusubiza aho yamukuye;

2° kutishyura ibyatanzwe ku mugenzi yazanye bibaye ngombwa ko asubizwayo kubera kunyuranya n'amategeko bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atandatu (600.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo yiyongera ku bindi yakoresheje.

3° kudatanga urutonde rw'abakozi b'indege hamwe n'abagenzi mbere y'uko bahagera cyangwa bagenda bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atandatu (600.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo;

Any foreigner who overstays from one (1) day up to five (5) days shall be liable to a verbal warning.

**Article 35: Penality on air transport company**

An Air Transport Company that fails to fulfill the following conditions shall have committed an administrative fault and shall be liable to a penality as stated below:

1° failure to remove its passenger from Rwanda as ordered shall be liable to the penality of six hundred thousand Rwandan francs (600.000 Rwf) or the equivalent in accepted foreign currency and a ticket to return him/her back to the point of departure;

2° failure to pay expenses spent on its passenger when it is necessary to return him/her for acting contrary to the law shall be liable to the penality of six hundred thousand Rwandan francs (600.000 Rwf) or the equivalent in accepted foreign currency in addition to his/her other expenses;

3° failure to provide complete list of crew and passengers before arrival or departure shall be liable to the penality of six hundred thousand Rwandan francs (600.000 Rwf) or the equivalent in accepted foreign currency;

Tout étranger qui accuse un retard d'un (1) jour à cinq (5) jours est passible d'un avertissement verbal.

**Article 35: Pénalité contre une compagnie de transport aérien**

Une compagnie de transport aérien qui ne remplit pas les conditions suivantes commet une faute administrative et est passible d'une pénalité tel que prévu ci-après:

1° le refus de transporter un passager vers la destination de départ tel que ordonné par l'autorité compétente du Rwanda fait encourir une pénalité de six cent mille francs Rwandais (600.000 Frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère et en plus d'un ticket de retour;

2° le refus de payer les dépenses occasionnées par un passager lorsqu'il s'avère nécessaire de procèder à son retour suite à une violation de la loi fait encourir une pénalité de six cent mille francs rwandais (600.000 frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère en plus de ses autres dépenses;

3° le refus de fournir la liste complète des membres d'équipage étrangers et des passagers embarqués fait encourir une pénalité de six cent mille francs rwandais (600.000 frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère reconnue;

4° kutagaragaza umugenzi waje mu ndege atari ku rutonde bizwi cyangwa byakagombye kumenyekana ahanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe n'ibihumbi magana abiri (1.200.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo;

5° kutamenya umugenzi waje udafite urwandiko rw'inzira rufite agaciro na viza bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atandatu (600.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo.

**<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibindi bihano rusange**

**<u>Ingingo ya 36</u>: Ibihano bihabwa abakoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu**

Ikompanyi ikoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu ihanishwa ibihano ku makosa akurikira:

1° kudasubiranayo umugenzi nk'uko biba byategetswe bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itandatu (60.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo kuri buri mugenzi n'ikiguzi cyo kumusubizayo;

2° kutishyura ibyatanzwe ku mugenzi wazanywe bibaye ngombwa ko asubizwayo kubera kunyuranya

4° failure to report knowingly or with reasons to know an illegally landed passenger shall be liable to the penality of one million two hundred thousand Rwandan francs (1.200.000 Rwf) or the equivalent in accepted foreign currency;

5° failure to detect a foreigner with expired travel document or visa shall be liable to the penality of six hundred thousand Rwandan francs (600.000 Rwf) or the equivalent in accepted foreign currency.

**<u>Section 2</u>: Other general sanctions**

**<u>Article 36</u>: Administrative penalities for other means of transport**

A company using other means of transport shall be punishable by the following administrative penalities :

1° failure to remove its passenger from Rwanda as ordered shall be liable to the penality of sixty thousand Rwandan francs (60.000 Rwf) or the equivalent in accepted foreign currency to each passenger and a ticket to return him/her;

2° failure to pay expenses spent on its passenger when it is necessary to return

4° le refus de signaler sciemment un passager qui a débarqué illégalement sur le territoire national fait encourir une pénalité d'un million deux cent mille francs rwandais (1.200.000 Frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère reconnue ;

5° le défaut de detecter un étranger qui n'a pas de document de voyage valide fait encourir une pénalité de six cent mille francs rwandais (600.000 Frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère reconnue.

**<u>Section 2</u> : Autres sanctions générales**

**<u>Article 36</u>: Pénalités administratives pour d'autres moyens de transport**

Une compagnie utilisant autres moyens de transport est passible de pénalités administratives suivantes:

1° le refus de transporter un passager vers la destination de départ tel que ordonné par l'autorité compétente du Rwanda fait encourir une pénalité de soixante mille francs Rwandais (60.000 Frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère reconnue et un ticket de retour pour chaque passager;

2° le refus de payer des dépenses occassionnés par un passage lorsqu'il s'avere nécessaire

n'amategeko bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itandatu (60.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo;

3° kudatanga urutonde rw'abakozi n'abagenzi bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itandatu (60.000frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo;

4° kutagaragaza umugenzi waje atari ku rutonde bizwi cyangwa byakagombye kumenywa bihanishwa gutanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw) cyangwa amafaranga yemewe akoreshwa mu mahanga angana nayo.

**<u>Ingingo ya 37:</u> Ibihano bitangwa ku makosa ajyanye n'inyandiko z'inzira**

Umuntu utaye urwandiko rw'inzira azishyura kimwe cya kabiri cy'ikiguzi cyarwo gisanzwe cyiyongera ku kiguzi gisanzwe cy'urwandiko rw'inzira kugira ngo abone urundi.

Umuntu wangije urwandiko rw'inzira kubera uburangare yishyura kimwe cya kabiri cy'ikiguzi cyarwo cyiyongera ku kiguzi cyarwo gisanzwe kugirango abone urundi.

him/her for acting contrary to the law, shall be liable to the penality of sixty thousand Rwandan francs (60.000 Frw) or the equivalent in accepted foreign currency;

3° failure to provide complete list of passengers and workers of the means of transport used shall be liable to the penality of sixty thousand Rwandan francs (60.000 Frw) or the equivalent in accepted foreign currency;

4° failure to report knowingly or with reasons to know an illegally landed passenger shall be liable to the penality of one hundred thousand Rwandan francs (100.000 Frw) or the equivalent in accepted foreign currency.

**<u>Article 37:</u> Penalties relating to faults on mishandling travel documents**

A person who loses a travel document shall be required to pay the penality which is equivalent to a half the fee of that travel document in addition to the normal fee of the travel document.

A person who negligently defaces a travel document shall be required to pay a half the fee of that travel document in addition to the cost of the travel document.

d'effecteur son retour suite à une violation de la loi fait encourir une pénalité de soixante mille francs rwandais (60.000 Frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère reconnue;

3° le refus de fournir la liste complète des passagers et membres d'équipage du moyen de transport utilisé fait encourir une pénalité de soixante mille francs rwandais (60.000 Frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère reconnue;

4° le refus de signaler sciemment un passager qui a débarqué illégalement sur le territoire national fait encourir une pénalité de cent mille francs rwandais (100.000 Frw) ou l'équivalent en monnaie étrangère reconnue.

**<u>Article 37</u>: Pénalités pour les fautes de mauvaise tenue de documents de voyage**

Quiconque perd un document de voyage, doit payer une pénalité équivalente à la moitié du coût normal du document de voyage en plus de son coût habituel.

Quiconque par négligence détériore un document de voyage, doit payer une pénalité équivalente à la moitié du coût normal du document de voyage en plus de son coût habituel.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE**

**Ingingo ya 38: Uburyo Umunyamahanga yirukanwa**

Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko, Umuyobozi Mukuru ategeka kwirukanwa k'umunyamahanga ku butaka bw'u Rwanda akora inyandiko imwirukana.

Mu gihe hagitegurwa uburyo bwo kwirukanwa, umunyamahanga ashobora gufungwa by'agateganyo nk'uko biteganywa n'amategeko.

Igihe icyemezo cyo kwirukana umunyamahanga cyafashwe, kopi y'icyo cyemezo ishyikirizwa ugiye kwirukanwa.

Iyo icyemezo cyo kwirukana umunyamahanga gifashwe, amafaranga atangwa mu kumusubiza iwabo akurwa mu mutungo wa Leta keretse iyo yemeye kwiyishyurira.

Umunyamahanga wirukanywe ashobora kujuririra icyemezo cyamufatiwe mu minsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yirukaniwe.

**Ingingo ya 39: Kumenyesha umunyamahanga ko atifuzwa cyangwa ko atemewe mu gihugu**

Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko rigenga Abinjira n'Abasohoka mu gihugu, Umuyobozi Mukuru cyangwa undi Ofisiye wa imigarasiyo ubifitiye ububasha amenyesha umunyamahanga ko atifuzwa mu gihugu cyangwa ko atemewe mu

**CHAPTER VII: MISCELLENEOUS PROVISIONS**

**Article 38: Procedure for deporting a foreigner**

Without prejudice to the law, the Director General shall order a foreigner to be deported by issuing a deportation order.

Before deporting a foreigner, he/she may be provisionally detained as provided by the law.

Where the decision to deport a foreigner has been made, a copy of the decision shall be given to the person to be deported.

When the decision to deport a foreigner is taken, the expenses for his/her return shall be payable from the public funds unless the person to be deported agrees to pay the expenses.

A deported foreigner may appeal the decision within thirty (30) days from deportation.

**Article 39: Declaring undesirable person or prohibited immigrant**

Without prejudice to the Immigration and Emigration law, the Director General or any other duly authorized Immigration Officer informs a foreigner, that he/she is an undesirable person or a prohibited immigrant within the meaning of the

**CHAPTER VII: DISPOSITIONS DIVERSES**

**Article 38: Procédure d'expulsion d'un étranger**

Sous réserve des dispositions de la loi, le Directeur Général ordonne l'expulsion d'un étranger par voie d'ordonnance d'expulsion.

En attendant l'explusion, l'étranger peut être mis en détention provisoire conformément à la loi.

Lorsque la décision d'expulsion d'un étranger est prise, une copie de cette décision est transmise à la personne à expulser.

Lorsque la décision d'expulser un étranger est prise, les frais de son retour sont à charge du trésor public sauf si la personne à expulser accepte de les payer.

L'étranger expulsé peut former un recours dans trente (30) jours à partir de la date de décision de l'explusion.

**Article 39 : Informer un étranger qu'il est une personne indésirable ou interdit**

Sans préjudice des dispositions de la loi sur l'émigration et immigration, le Directeur Général ou tout autre Officier d'immigration dûment autorisé informe un étranger qu'il est une personne indésirable dans le pays conformément à la loi et

gihugu nk'uko itegeko ribiteganya, akamutegeka kuva cyangwa akamubuza kuza mu Rwanda.

Umunyamahanga utemewe mu gihugu ntiyemerewe kongera kwinjira mu Rwanda keretse icyemezo cyafashwe n'urwego rubifitiye ububasha cyaravanweho.
Umuntu utifuzwa mu gihugu ashobora kongera kwemererwa kwinjira mu gihugu mu gihe uwo muntu yujuje ibisabwa byatumye yirukanwa.

**Ingingo ya 40: Akanama gakurikirana imipaka**

Hashyizweho akanama ko ku rwego rw'Igihugu gashinzwe gukurikirana ibijyanye n'imikorere y'imipaka y'u Rwanda. Aka kanama kagizwe n'abahagarariye abafatanya bikorwa bose bakorera ku mipaka. Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu buhuza ibikorwa by'aka kanama.

**Ingingo ya 41: Gukurikiza iri teka**

Umunyamahanga mu gihe yinjira, asohoka cyangwa ari mu Rwanda agomba gukurikiza iri teka uretse aho amasezerano mpuzamahanga yemewe n'u Rwanda cyangwa amategeko yihariye abiteganya ukundi.

**Ingingo ya 42: Kumenyekanisha ko icyangombwa cyatakaye**

Umuntu wese utaye icyangombwa cye giteganywa muri iri teka agomba guhita abimenyesha sitasiyo ya polisi imwegereye.

law and order him/her to leave or refuse him/her to enter Rwanda.

A prohibited immigrant shall not be allowed re-entry in Rwanda unless the decision formally made by the competent authority is repealed.
Undesirable person may be allowed re-entry in Rwanda if such a person complies with the requirements that led to his/her expulsion.

**Article 40: National Border coordinating Committee**

There shall be a national committee responsible for coordinating the activities at Rwandan border posts. The national committee shall be composed of representative of all stakeholders working at the border posts. The Directorate General of Immigration and Emigration shall coordinate its activities.

**Article 41: Observing this Order**

Any foreigner on his/her entry, stay or exit shall observe this Order except where international conventions ratified by Rwanda or particular laws provide otherwise.

**Article 42: Reporting a lost document**

Any person who loses his or her document as mentioned in this Order shall immediately report to the nearest police station.

lui ordonne de quitter le Rwanda.

Un immigrant interdit n'est pas autorisé d'entrer de nouveau au Rwanda à moins que la décision prise par une autorité compétente ne soit annulée.
Un étranger déclaré indésirable peut être autorisé d'entrer de nouveau au Rwanda si il remplit les conditions qui avaient entrainé son expulsion.

**Article 40 : Comité de pilotage des frontières**

Il est créé un comité national de pilotage chargé du suivi des activités aux postes frontaliers du Rwanda. Ce comite est composé par les representants des institutions operant sur les postes frontaliers. La Direction Générale de l'Immigration et de l'Emigration est chargée de coordonner ses activités.

**Article 41: Respect du présent arrêté**

Tout étranger qui entre, séjourne ou sort du territoire national doit respecter les dispositions du présent arrêté à moins que les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ou des lois particulières n'en disposent autrement.

**Article 42: Déclaration d'un document perdu**

Toute personne qui perd son document prévu par le présent arrêté doit immédiatement le déclarer auprès de la station de police la plus proche.

Ashyikiriza icyemezo cyo guta ibyangombwa Ibiro by'Abinjira n'Abasohoka bimwegereye.

Umuntu utoraguye urwandiko ruteganywa n'iri teka arushyikiriza ibiro by'Abinjira n'Abasohoka cyangwa ubuyobozi bwa Polisi bimwegereye.

He/she shall present a declaration certificate to the nearest immigration office.

Any person who finds a lost document as mentioned in this Order, shall immediately hand it over to the nearest Immigration Office or Police Post.

Cette personne présente l'attestation de perte au bureau de l'Immigration le plus proche.

Toute personne qui retrouve un document perdu tel que prévu dans le présent arrêté l'apporte immédiatement au bureau de l'immigration ou à la station de Police la plus proche.

**<u>Ingingo ya 43:</u> Amabwiriza ashyira mu bikorwa iri teka**

Umuyobozi Mukuru ashyiraho amabwiriza agenewe abagana Ubuyobozi Bukuru n'abakozi babwo kugirango abafashe gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'iri teka.

**<u>Article 43:</u> Implementation of this Order**

The Director General shall put in place instructions to the public and immigration officers for facilitating the implementation of this Order.

**<u>Article 43:</u> Mise en application des dispositions du présent arrêté**

Le Directeur Général est chargé de mettre sur pied des instructions à l'intention du public et de ses agents pour la mise en exécution du présent arrêté.

## <u>UMUTWE WA VIII</u> : INGINGO ZISOZA

**<u>Ingingo ya 44</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 45:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

## <u>CHAPTER VIII</u> : FINAL PROVISIONS

**<u>Article 44:</u> Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**<u>Article 45:</u> Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

## <u>CHAPITRE VIII</u> : DISPOSITIONS FINALES

**<u>Article 44</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**<u>Article 45:</u> Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 31/05/2011

**(sé)**

**TUGIREYEZU Vénantie**
Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 31/05/2011

**(sé)**

**TUGIREYEZU Vénantie**
Minister in the Office of the President

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le 31/05/2011

**(sé)**

**TUGIREYEZU Vénantie**
Ministre à la Présidence de la République

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI N°03/01 RYO KUWA 31/05/2011 RISHYIRAHO IKIGUZI CY'INYANDIKO Z'INZIRA, IMPUSHYA ZO KUBA MU RWANDA, VIZA N'IZINDI SERIVISI ZITANGWA N'UBUYOBOZI BUKURU BW'ABINJIRA N'ABASOHOKA MU GIHUGU**

**ISHAKIRO**


**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

**<u>Ingingo ya 2:</u> Gusonerwa kwishyurira uruhushya rwo kuba mu Rwanda**

**<u>Ingingo ya 3</u>: Iyishyurwa rya pasiporo z'abanyacyubahiro n'iz'akazi**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ikiguzi cya "laissez-passer" n'ikoreshwa ryayo**

**<u>Ingingo ya 5:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**<u>Ingingo ya 6</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**


**MINISTERIAL ORDER N°03/01 OF 31/05/2011 DETERMINING THE FEES CHARGED ON TRAVEL DOCUMENTS, RESIDENCE PERMITS, VISAS AND OTHER SERVICES DELIVERED BY THE DIRECTORATE GENERAL OF IMMIGRATION AND EMIGRATION**

**TABLE OF CONTENTS**


**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

**<u>Article 2:</u> Residence permit fee waiver**

**<u>Article 3</u>: Payment of diplomatic and service passports**

**<u>Article 4</u>: Laissez-passer fees and its applicability**

**<u>Article 5:</u> Repealing provision**

**<u>Article 6:</u> Commencement**


**ARRETE MINISTERIEL N°03/01 DU 31/05/2011 FIXANT LES FRAIS DE DOCUMENTS DE VOYAGE, PERMIS DE RESIDENCE, VISAS ET AUTRES SERVICES DELIVRES PAR LA DIRECTION GENERALE DE L'IMMIGRATION ET EMIGRATION**

**TABLE DES MATIERES**


**<u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté**

**<u>Article 2</u>: Exonération des frais de permis de séjour**

**<u>Article 3</u>: Payement du passeport diplomatique ou de service**

**<u>Article 4:</u> Frais du laissez-passer et son usage**

**<u>Article 5:</u> Disposition abrogatoire**

**<u>Article 6</u>: Entrée en vigueur**